# UMUVUNYI

MAGAZINE N° 39

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda kurwanya Akarengane na Ruswa*

Mata - Kamena 2019

GITANGIRWA UBUNTU




Ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi 04

Turwanye akarengane 13

Turwanye Ruswa 16

Abahamwe n'Icyaha cya ruswa 21



04



06



10



12



16




33


| | |
|---|---|
| Tumenye itegeko ryerekeye kurwanya Ruswa (igice cya mbere) | 03 |
| Abayobozi ba Transparency International Uganda basuye Urwego rw'Umuvunyi | 04 |
| GRUPO RPP Media House yo muri Peru yakoze Filimi mbara-nkuru ku Ngamba u Rwanda rwafashe zo kurwanya Ruswa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994 | 05 |
| Itsinda ry'Abanyatogo ryaje kwigira ku Rwanda uburyo buhamye bwo kurwanya Ruswa | 06 |
| Imyanzuro y'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane yo ku wa 21.06.2017 | 07 |
| Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994. | 10 |
| Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda yavuze ko ikoranabuhanga ryagabanyije Ruswa mu masoko ya Leta | 12 |
| Uburyo n'Igihe abaturage bajuririra ibyemezo by'Inkiko mu manza mbonezamubano | 13 |
| Tumenye ibigenderwaho n'Urwego rw'Umuvunyi mu gusubirishamo imanza ku mpamvu z'Akarengane no kuzirangiza | 15 |
| Perezida Kagame yavuze ko kurwanya ruswa bikwiye kumvwa mu buryo bwiza nk'urugamba rwo guharanira gukorera mu mucyo | 16 |
| Ubukangurambaga mu rwego rwo gukumira Ruswa | 17 |
| Urutonde rw'abahamwe na Ruswa mu bujurire guhera muri kanama 2018 kugeza muri Mutarama 2019 | 18 |
| Urutonde rugaragaraho imyirondoro y'abahamwe burundu na Ruswa | 21 |
| Igikorwa cy'Imenyekanishamutungo ku Urwego rw'Umuvunyi (igice cya mbere) | 28 |
| Wari uzi ko wemerewe gusaba amakuru ukoresheje uburyo bwose bw'Itumanaho! | 32 |
| Inkuru ishushanyije | 33 |

# TUMENYE ITEGEKO RYEREKEYE KURWANYA RUSWA (IGICE CYA MBERE)

Mu Masezerano mpuzamahanga yo kurwanya ruswa (United Nations Convention Against Corruption- UNCAC) yemejwe n'u Rwanda n'Iteka rya Perezida No 56/01 ryo ku wa 27/12/2005, hateganyijwe ko ibihugu byemeje ayo masezerano bigomba gushyira mu mategeko yabyo uburyo bwo gukumira no guhana icyaha cya ruswa.

Amasezerano nyafurika yo gukumira no kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo (African Union Convention on Preventing and Combating corruption-AUCPCC), yemejwe n'Iteka rya Perezida N°12/01 ryo ku wa 24/06/2004, na yo arabishimangira agateganya ko ibihugu byemeje ayo masezerano bigomba guteganya ibyaha n'ibihano byabyo.

U Rwanda rwubahirije ibisabwa n'ayo Masezerano yombi kuko rwari rwarashyizeho amategeko yo kurwanya ruswa, ingero z'amwe mu mategeko ni izi zikurikira :

- Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ryateganyaga ibyaha n'ibihano ;
- Itegeko N° 23/2003 ryo ku wa 07/08/2013 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo ryari rifite ingingo zerekeye gukumira icyaha cya ruswa ;
- Itegeko N°47/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba ;
- Itegeko N° 44bis/2017 ryo ku wa 06/09/2017 rirengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa cyangwa imyitwarire binyuranyije n'amategeko ; …

Mu mwaka wa 2018, amwe mu mategeko avuzwe haruguru yaravuguruwe, hajyaho amategeko mashya mu rwego rwo kuvanaho Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 ryateganyaga ibyaha n'ibihano no kunoza imihanire y'ibyaha bya ruswa. Ni muri urwo rwego hatowe Itegeko **N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa**, ritangazwa mu Igazeti ya Leta N° special yo ku wa 20/09/2018.

## Ruswa ni iki ?

Ruswa ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorewe mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivili, n'imiryango mpuzamahanga ikorera cyangwa ishaka gukorera mu Rwanda, kigamije gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke mu buryo bunyuranyije n'amategeko hagamijwe kwigwizaho umutungo udashobora gusobanura inkomoko yawo cyagwa gukora ishimishamubiri kugira ngo hakorwe umurimo cyangwa igikorwa mu buryo bunyuranije n'amategeko byaba bikozwe na nyir'ubwite cyangwa binyujijwe ku wundi muntu (ingingo ya 2).

## Ruswa igaragarira he ?

Ruswa igaragarira mu bikorwa bikurikira :

a) Gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke;
b) Gusaba, gusezeranya cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina;
c) Gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo;
d) Gukoresha igitinyiro;
e) Kudasobanura inkomoko y'umutungo;
f) Kunyereza umutungo;
g) Gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe;
h) Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro;
i) Gusonera bitemewe n'amategeko;
j) Kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe;
k) Gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite;
l) Kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko.

## Ni izihe nshingano z'inzego mu gukumira ruswa ?

Mu Itegeko rishya N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa mu ngingo yaryo ya 3 bashyizemo ikintu gishya aho bahaye Urwego rw'Umuvunyi **ububasha bwo gusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** umuyobozi w'urwego rutashyizeho ingamba zo gukumira ruswa nk'uko ari inshingano z'inzego mu gukumira ruswa.

Iri tegeko risaba buri rwego rwa Leta, urw'abikorera, urwa sosiyete sivili cyangwa umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda ko rugomba:

- Gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira ruswa;
- Gukorera mu mucyo;
- Kugaragariza raporo abo igenewe;
- Kugenzura ko nta bikorwa bya ruswa birurangwamo;
- Kugaragaza ibyakozwe mu rwego rwo gukumira ruswa igihe rubisabwe n'urwego rubifitiye ububasha
- Kugira inyandiko igaragaza uburyo n'igihe ntarengwa ibyemezo bifatwa;
- Kugira imikoranire myiza n'izindi nzego, hubahirizwa igihe gisabwa mu kugaragaza ibyakozwe cyangwa hatangwa amakuru urundi rwego rwasabye;
- Kudasumbanya, kudatinza no kudasiragiza abarugana.

**Umwanditsi: Birasa Jacques Fiscal**



# Abayobozi ba Transparency International Uganda basuye Urwego rw'Umuvunyi




*Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa ari kumwe n'Itsinda ryaturutse muri TI –Uganda*

Abayobozi baturutse mu Muryango Mpuzamahanga Urwanya ruswa n'akarengane Ishami rya Uganda, basuye Urwego rw'Umuvunyi ku wa gatatu tariki 29 Gicurasi 2019 bayobowe na Peter WANDERA, Umuyobozi Nshingwabikorwa muri TIU (Transparency International Uganda).

Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa, MUSANGABATWARE Clément yaganirije aba bayobozi anabereka ingamba u Rwanda rwafashe mu gukumira no kurwanya ruswa mu Gihugu.

Yagize ati "Guverinoma y'u Rwanda yafashe ingamba zo kurwanya ruswa zirimo ahanini ubushake bwa Politiki, gahunda yo kutihanganira abarya ruswa ( zero Tolerance). Amategeko anyuranye yashyizweho, inzego zitandukanye zijyaho,. Muri izi nzego harimo nk'Urwego rw'Umuvunyi rwashyizweho muri 2004 rushyirwaho n'Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda rya 2003 ryavuguruwe 2015."

Umuvunyi Mukuru Wungirije Kandi yaboneyeho no gusangiza abasuye uru Rwego, inshingano zarwo.
Yagize ati "Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano zigaragara mu ngingo ya 4 y'Itegeko nomero 76/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena inshingano ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi rukaba rubumbatiye icyarimwe mu nshingano zarwo gukumira no kurwanya Akarengane na Ruswa, kugenzura iyubahirizwa ry'imiyoborere myiza, guteza imbere ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo."

Peter WANDERA, Umuyobozi Nshingwabikorwa mu Muryango Mpuzamahanga Urwanya Ruswa n'Akarengane Ishami rya Uganda yashimiye cyane uburyo u Rwanda rwateye intambwe ifatika mu kurwanya no gukumira ruswa.

Mu gitabo cy'abashyitsi, Peter WANDERA yagize ati "Mwakoze imirimo myiza rwose kandi mukomereze aho."
Mu gusura Urwego rw'Umuvunyi, Peter WANDERA yari kumwe na Lilian Zawedde, Umuhuzabikorwa w'Imishinga mu Muryango Transparency International Ishami rya Uganda hamwe na Appolinaire Mupiganyi, Umuyobozi nshingwabikorwa muri Transparency International Ishami ry'u Rwanda.

## GRUPO RPP Media House yo muri Peru yakoze Filimi mbara-nkuru ku Ngamba u Rwanda rwafashe zo kurwanya Ruswa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994



*Umuvunyi Wungirije Ushinzwe Gukumira no Kurwanya Ruswa aganira n'Abanyamakuru*

Itsinda ry'Abanyamakuru bakorera GRUPO RPP Media House yo mu gihugu cya Peru, muri Amerika y'Amajyepfo barimo Jose Maria Salcedo, Fajri Rouillon na Jaime Valcarce bageze mu Rwanda tariki 5 Kamena bagomba kumara icyumweru cyose bakorana n'inzego zitandukanye bareba uko u Rwanda rwiyubatse mu nzego zitandukanye nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994. Ni muri Urwo rwego aba banyamakuru bifuzaga muri Filimi mbara-nkuru yabo bakoraga bashakaga kugaragaza uko u Rwanda rwarwanyije ruswa.

Mu kiganiro bagiranye n'Umuvunyi Wungirije ushinzwe Gukumira no kurwanya Ruswa, Bwana MUSANGABATWARE Clément ku itariki 10 Kamena 2019, bagarutse cyane ku ngamba zatumye u Rwanda ruza mu bihugu bya mbere muri Afurika mu kurwanya ruswa.

Umuvunyi Wungirije yavuze ko Ubushake bwa Politike aricyo kiza ku isonga mu rugamba rwo kurwanya ruswa mu Rwanda.

Yagize ati "Mu rugamba rwo kurwanya Ruswa turangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame ku cyerekezo cyiza yaduhaye cyo kurwanya ruswa, kandi hari ubushake bwa politike butuma ibi tubigeraho."
Yakomeje avuga ko hari politike ya "Zero Tolerance" yo kutihanganira na gato abatanga, abakira bakarya ruswa ndetse ko hari n'amategeko yashyizweho yo guhangana n'ibyuho bya ruswa.

Umuvunyi Wungirije yasobanuriye aba banyamakuru bakora filimi mbarankuru ko hari itegeko rirengera abatanga amakuru kandi ko n'abatanga amakuru ku byaha bya ruswa iri tegeko ribarengera.

MUSANGABATWARE yavuze ko ubu icyaha cya ruswa kidasaza mu Rwanda nkuko mbere byahoze kandi ngo ibi bituma ababikora bahora bikanga bityo abishora muri ruswa ntibakomeze kwiyongera.

Uretse urwego rwo kurwanya Ruswa, aba banyamakuru kandi banasuye izindi nzego mu rwego rwo kumenya aho u Rwanda rugeze mu bumwe n'ubwiyunge no kumenya uburyo u Rwanda rwageze ku iterambere ritajegajega nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994.



# Itsinda ry'Abanyatogo ryaje kwigira ku Rwanda uburyo buhamye bwo kurwanya Ruswa



*Umuvunyi Mukuru yakiriye Itsinda ry'Abayobozi baturutse muri Togo*

Itsinda ry'abayobozi baturutse mu gihugu cya Togo mu Kigo Gishinzwe Kurwanya Ruswa n'Ibyaha biyishamikiyeho (La Haute Autorité de Prevention et de Lutte Contre la Corruption et Les Infractions Assimilées Au Togo), basuye u Rwanda mu rugendo-shuri aho basuye Inzego z'Ubutabera zitandukanye.

Iri tsinda ryaje riyobowe na Madamu M'mah Tchemi, Umwanditsi w'Imirimo (rapporteur) w'Ikigo Gishinzwe Kurwanya Ruswa n'Ibyaha Biyishamikiyeho muri Togo. Aba bashyitsi baje kuganira no kwigira ku bunararibonye u Rwanda rufite mu kurwanya ruswa.

Bakiriwe n'Umuvunyi Mukuru Anastase Murekezi aho yabahaye ikaze maze abagaragariza ko u Rwanda rwateye intambwe mu gukumira no Kurwanya Ruswa cyane cyane mu kwifashisha ikoranabuhanga mu mitangire ya Serivisi zitandukanye.

Umuvunyi Mukuru yabwiye iri Tsinda ko ubushake bwa Politike bwatumye kurwanya ruswa bidashidikanywaho mu Rwanda kubera ko ubunararibonye n'icyerekezo cyatanzwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame bitanga umurongo uhamye wo kurwanya Ruswa.

Ati: "Kuba tugaragaza intambwe ishimishije mu gukumira no Kurwanya Ruswa mu gihugu cyacu, ni ubushake bwa Politike, politike nziza ya Nyakubahwa Perezida wacu Paul Kagame wimakaje politike ya Zero Tolerance, kandi akaba yaraduhaye icyerekezo tugomba kuganamo cyo guteza imbere umuturage kandi ntibishoboka tudafashe ingamba kuri Ruswa kuko imunga ubukungu bw'Igihugu, ikadindiza iterambere."
Umuvunyi Mukuru kandi yagaragarije iri tsinda ko hari ingamba Leta y'u Rwanda yafashe mu rwego rwo guhangana na Ruswa zirimo ko abayobozi bakora mu nzego za leta n'abandi bafite aho bahurira no gucunga umutungo w'Igihugu bagomba kumenyekanisha imitungo yabo bafite.

Hari kandi amategeko yashyizweho atihanganira na gato abafashwe bakira, batanga cyangwa barya ruswa nko kuba itegeko ryarashimangiye ko Icyaha cya Ruswa kitagomba gusaza kubera ko hari abafatwaga mu byaha bya ruswa bagahunga bakazagaruka icyaha cyarashaje kandi bagakomeza kwidegembya bagakizwa n'imitungo bakuye muri Ruswa.

Gukoresha ikoranabuhanga mu mitangire y'Amasoko ya Leta nacyo cyasangijwe iri tsinda rya Togo maze basobanurirwa ko gukoresha ikoranabuhanga byagabanyije abatangaga ruswa kubera ko babaga bahuye imbona nkubone.

Umuyobozi waje uyoboye iri tsinda Madamu M'mah TCHEMI ari nawe Rapporteur wa ***"Haute Autorité de Prévention et de Lutte Contre la Corruption et Les Infractions Assimilées au Togo"***, yavuze ko yashimishijwe n'urwego u Rwanda rumaze kugeraho ku byerekeranye no kurwanya ruswa.
Ati "Twanejejwe cyane n'urwego leta y'u Rwanda


imaze kugeraho mu kurwanya ruswa cyane cyane hifashishwa ikoranabuhanga kuko serivisi nyinshi izigeza ku baturage hakoreshejwe ikoranabuhanga ku buryo ntaho umuntu yapfa guhurira n'undi amuha cyangwa amwaka ruswa."

Yakomeje avuga ko gukorera hamwe no kumva ko buri wese afite inshingano zo kubazwa ibyo akora, bituma buri wese aharanira gukora umurimo unoze akirinda ruswa. Ibi nabyo ni ibikorwa byiza twigiye ku Rwego rw'Umuvunyi bizadufasha mu kurwanya no gukumira ruswa.

TCHEMI yongeyeho ko bigiye byinshi ku gihugu cy'u Rwanda bizababafasha kurwanya no gukumira ruswa mu gihugu cyabo.
Yagize ati "Twigiye byinshi by'ingirakamaro mu Rwanda. Ubu natwe tugiye gukora ubukangurambaga mu gihugu cyacu bwo kurwanya ruswa cyane cyane mu mavuriro, mu bigo by'amashuri, mu bapolisi bacu n'ahandi hatandukanye cyane cyane ahakunze guhurira abantu benshi bashaka serivisi."

Ubushakashatsi ku rwego rw'isi bukorwa kuri ruswa, bwerekanye ko mu mwaka wa 2018 mu bihugu bya Afurika u Rwanda rwaje ku mwanya wa gatatu muri Afurika mu bihugu birangwamo ruswa nkeya no ku mwanya wa 48 ku isi.

**Umwanditsi : Jean Paul MBARUSHIMANA**



## Imyanzuro y'Inama Ngishwanama yo kurwanya Ruswa n'Akarengane yo ku wa 21.06.2019

Inama Ngishwanama yo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ishyirwaho n' Iteka rya Perezida no 64/01 ryo ku wa 12/02/2014, rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'iyi Nama. Iyi Nama yashyizweho kuva ku rwego rw'Igihugu kugera ku rwego rw'Akagari. Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu igizwe na:

1. Umuvunyi Mukuru, Umuyobozi wayo ;
2. Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, Umuyobozi wayo Wungirije;
3. Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze;
4. Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
5. Umushinjacyaha Mukuru;
6. Abavunyi Bungirije;
7. Insipegiteri Mukuru wa Polisi y'u Rwanda;
8. Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano;
9. Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya Amasoko ya Leta;
10. Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta;
11. Umuyobozi w'Ihuriro ry'Abikorera;
12. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta.

Abagize Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu bakomeza imirimo yabo basanganywe.

Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu ifite inshingano zikurikira:

1. Gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane;
2. Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo zakozwe ku Rwanda n'inzego zitandukanye kuri ruswa n'akarengane;
3. Gushyiraho uburyo bwo guhererekanya amakuru hagati y'inzego zigize Inama Ngishwanama kuri ruswa n'akarengane;
4. Kwemeza no gutangaza buri mwaka raporo yerekana ibyagezweho mu kurwanya ruswa n'akarengane mu Rwanda;
5. Gukurikirana imikorere y'Inama Ngishwanama ku nzego z'ibanze.

Mu gushyira mu bikorwa izi nshingano, Inama Ngishwanama iterana buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa ikiga ku ngingo zitandukanye igafata imyanzuro igamije kurwanya ruswa n'akarengane. Nk'uko biteganywa n'Amategeko, Inama Ngishwanama ku rwego rw'Igihugu itanga raporo kwa nyakubahwa Perezida wa Repubulika.

Mu nama yayo yabaye ku wa 21.06.2019, Inama Ngishwanama yaganiriye ku ngingo zitandukanye ifata imyanzuro ikurikira:

| Nº Y'ICYAGANIRIWE | UMWANZURO | URWEGO RUGOMBA KUWUSHYIRA MU BIKORWA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|
| 1. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama iheruka yo ku wa 28 Werurwe 2019 | Gutegura inama irebera hamwe ibijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry' Umwanzuro wa 8 wa NLR 16, hagatumirwamo Inzego zose bireba | Urwego rw'Umuvunyi | Nyakanga 2019 |
| | Kunoza imirongo ngenderwaho kuri vetting ku masoko Manini ya Leta iri gutegurwa na RPPA, ikazaganirwaho mu nama itaha ya NACACI | RPPA | Nzeri 2019 |
| | Kohereza RIB ikibazo cy'Ibitaro bya *«Non Profit Eye Hospital»*, abihayemo imigabane bagakurikiranwa | Urwego rw'Umuvunyi | Nyakanga 2019 |
| 2. Inama ya *10th Commonwealth Regional Conference of Heads of Anti-Corruption Agencies in Africa* | Kunoza imitegurire y'iyi nama n'inyandiko bijyanye zikazaganirwaho mu nama itaha | Urwego rw'Umuvunyi | Nzeri 2019 |
| 3. Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka wa 2017-2018 | Igihe hagaragaye ko hari imishinga ikererwa kurangira ndetse n'itabwa itarangiye bigomba gukurikiranwa vuba kuko hari igihe haba harimo ibyuho bya ruswa | **REG**<br>**EDCL**<br>**EUCL**<br>**WASAC** | Buri gihe |
| | Gushyira mu bikorwa Recommendations zose z'Ibiro by'Umugenzuzi mukuru w'Imari ya Leta | **REG**<br>**EDCL**<br>**EUCL**<br>**WASAC** | Buri gihe |
| | Hakwiye gukorwa ubukangurambaga mu Bigo bya Leta ku mategeko n'amabwiriza bigenga imicungire y'ingwate *(Management of performance of guarantees)* | **MINIJUST**<br>**RPPA** | Buri gihe |
| | Kwihutisha kwishyura abafitiwe ibirarane bya expropriation | **REG**<br>**WASAC** | Nzeri 2019 |
| | Gukurikiranira hafi isanwa ry'imiyoboro y'amazi yo mu cyaro icungwa na ba Rwiyemezamirimo | **WASAC**<br>**Uturere** | Buri gihe |
| | Gushyiraho Itsinda ryaguye rizakurikiranira hafi Inyigo iri gutegurwa n'Urwego rw'Umuvunyi ku byuho bya ruswa, iri rikaba itsinda rihoraho rizajya rinagaragaza imiterere n'imihindagurikire ya ruswa ndetse n'ingamba zo kuyirwanya | Urwego rw'Umuvunyi | Nyakanga 2019 |

OFFICE OF THE OMBUDSMAN
URWEGO RW'UMUVUNYI

# FIGHT CORRUPTION & WIPE OUT INJUSTICE



# Urwego rw'Umuvunyi rwitabiriye ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994.



*Umuvunyi Mukuru ashyira indabyo ku Rwibutso rwa Gisenyi*

Uyu mwaka wa 2019, haribukwa ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994, igahitana Abatutsi basaga miliyoni. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti "Kwibuka Twiyubaka".

Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yibukwa n'Isi yose. By'umwihariko ku Rwanda, kwibuka bimara iminsi ijana iyi Jenoside yamaze, ikabanzirizwa n'icyumweru cy'icyunamo, gitangira tariki 07 Mata buri Mwaka.

Ni Umuhango wakurikiwe no Kwibuka kw'Ibigo byose byaba ibya Leta cyangwa Ibyigenga hibukwa abahoze bakorera ibyo bigo bishwe muri Jenoside, ibyashinzwe nyuma ya Jenoside byo bikifatanya n'ibindi bigo. Ni muri urwo rwego rero URWEGO RW'UMUVUNYI rwifatanyije n'izindi Nzego z'Ubutabera mu Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

## URWEGO RW'UMUVUNYI RWIFATANYIJE N'INZEGO Z'UBUTABERA MU KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MWAKA W'1994.

Nkuko byari byemejwe na CNLG ko inzego zishobora kwifatanya mu Kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi, ku itariki 11 na 12 Mata 2019, Urwego rw'Umuvunyi rwifatanyije na MINIJUST, RIB, Supreme Court, National Public Prosecution Authority, Law Reform Commission, ILPD, Rwanda Forensic Laboratory. Umushyitsi mukuru muri iki gikorwa yari Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Tariki 11/04/2019, Abakozi n'Abayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi hamwe n'izindi nzego z'Ubutabera bitabiriye ibikorwa byaranzwe n'ibiganiro byabereye ku kicaro cya Minisiteri y'Ubutabera. Umushakashatsi wa CNLG, Bwana MAFEZA Faustin yatanze ikiganiro "Uburyo Jenoside yateguwe n'Abayishyize mu bikorwa, ingaruka zayo n'Uburyo yahagaritswe"

Abatanze ibitekerezo bashimangiye ko Jenoside yateguranwe ubukana ndetse igahitana imbaga y'Abatutsi barenga miliyoni.

Tariki 12/04/2019 nabwo Abakozi n'Abayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi bifatanyije n'abagize inzego z'Ubutabera mu Rwanda mu muhango wo kwibuka abahoze ari abakozi b'izo nzego bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994.
Ni umuhango wabimburiwe no gushyira indabo ku kimenyetso cy'Urwibutso ruriho amazina y'abahoze bakorera izo nzego bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994.

Mu muhango nyirizina wo kwibuka abahoze bakorera izi nzego, uhagarariye IBUKA, Bwana NKURANGA Egide, Visi Perezida wa Ibuka yatanze ikiganiro kibanda cyane ku mugambi rurangiza wo gutegura Jenoside ikanashyirwa mu bikorwa.

Nyuma y'Ijambo ryo guhumuriza no gukomeza abarokotse Jenoside, umushyitsi mukuru Prof. Sam RUGEGE yanagarutse ku mitegurire ya Jenoside n'ubukana yakoranywe, anashimangira ko hari abagifite ingengabitekerezo ya Jenoside bagikomeje gukwirakwiza ibitekerezo byayo hirya no hino ku Isi. Yasabye abitabiriye umuhango wo kwibuka bose ko bakwiye guhaguruka bakarwanya ingengabitekerezo ya Jenoside bivuye inyuma.

## URWEGO RW'UMUVUNYI RWASUYE URWIBUTSO RWA GISENYI RWISWE "COMMUNE ROUGE"

Tariki 30/04/2019, wari umunsi wo kwibuka i Rubavu mu muhango wiswe "RUBAVU IRIBUKA." Kuri iyi tariki nibwo Abakozi n'Abayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi bifatanyije n'abatuye Akarere ka Rubavu n'inshuti zabo mu Kwibuka Abatutsi bishwe bashyinguye mu Rwibutso rwa Gisenyi ruzwi cyane nka " Commune Rouge" kubera abatutsi biciwe aho babeshywaga ko bajyanywe kuri Komini ngo barakira.

Muri uyu muhango wo kwibuka, Ikiganiro cyatanzwe na Generali James Kabarebe kibanze cyane ku kwerekana ubutwari bw'abahagaritse Jenoside bahoze bari mu ngabo za RPA. Generali Kabarebe yagaragaje ko abasize bakoze Jenoside hari abakidegembya bagifite n'umugambi wo gushaka kugaruka ngo bongere bakomeze umugambi wabo ariko ko batazabishobora kubera ko ingabo z'u Rwanda zifite ubushobozi bwo guhangana na bo.

Umushyitsi Mukuru Minisitiri w'ingabo Major General, Albert MURASIRA ari na we mboni y'Akarere ka Rubavu yashimye abasirikare babohoye Igihugu bagikuye mu maboko y'abategetsi babi bari barimakaje ivanguramoko ku buryo byagejeje abanyarwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994.



*Abavunyi Bungirije bashyira indabyo ku Rwibutso rwa Gisenyi*



*Abayobozi batandukanye bitabiriye ibikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 25 ku Rwibutso rwa Gisenyi*

# Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda yavuze ko ikoranabuhanga ryagabanyije Ruswa mu masoko ya Leta



*Umuvunyi Mukuru asangiza abitabiriye Inama ya Commonwealth Africa,ubunararibonye bw'u Rwanda mu Kurwanya ruswa*

kuva kuwa Mbere tariki ya 6 Gicurasi 2019 kugeza kuwa Gatanu tariki ya 10 Gicurasi 2019 i Kampala muri Uganda habereye Inama ya Cyenda ihuza Abayobozi n'Abahagarariye Inzego zo Kurwanya Ruswa mu Bihugu Bihurira mu Muryango w'Ibihugu Bikoresha Ururimi rw'Icyongereza mu Karere ka Afurika (Commonwealth Africa).

Abitabiriye iyi nama bagaragaje ko bahangayikishijwe n'igihombo gikomeye Afurika ikomeje guhura nacyo bitewe n'imitungo inyerezwa mu buryo bwa Ruswa kandi ikajyanwa hanze y'Afurika.

***Insanganyamatsiko y'iyi Nama yagiraga iti: Igihe ni iki: Kumira Ruswa Hagamijwe Kwimakaza Iterambere Rirambye" "Time to Act: Prevent Corruption for Sustainable Development".***

Abahuriye muri iyi nama bemeranyijje ko hakenewe gushimangira imikoranire n'ubufatanye hagati y'Inzego zishinzwe Kurwanya Ruswa mu Bihugu bihurira muri uyu Muryango mu rwego rwo kungurana ibitekerezo no gusangira ubunararibonye n'Ibihugu mu bishya bihangwa mu kurwanya ruswa.

Umuvunyi Mukuru, Anastase Murekezi wari witabiriye iyi nama ahagarariye u Rwanda yatanze ikiganiro agaragaza ko u Rwanda rwateye intambwe mu Gukumira no Kurwanya Ruswa mu Nzego zose.

Umuvunyi Mukuru yavuze ko u Rwanda rukoresha ikoranabuhanga mu mitangire y'Amasoko ya Leta rifasha gukumira no kurwanya ruswa.
Yavuze ko iryo koranabuhanga rikoreshwa kandi mu byiciro byinshi: nko mu mabanki, Gutanga Imisoro, Kwandika Ibigo, Gukoresha ibizamini hashakwa Abakozi, Kuriha Mituweli yo kwivuza, n'ibindi byinshi.

Ati: "Mu myaka ibiri ishize dutangije uburyo bwo gutanga amasoko ya Leta no Kwishyura hifashishijwe ikoranabuhanga, ibigo 164 byo mu Rwanda ubu bikoresha ubu buryo hagamijwe kurwanya Ruswa mu Gihugu."

Abayobozi n'Abahagarariye Inzego zo Kurwanya Ruswa mu bihugu bihurira mu Muryango w'Ibihugu bikoresha Ururimi rw'Icyongereza mu Karere ka Afurika bagaragaje ko nta Gihugu na kimwe kidahangayikishijwe na Ruswa kuko imunga ubukungu, biyemeza ko Inzego zikwiye gufatanyiriza hamwe n'Abikorera n'Imiryango Itari iya Leta n'Itangazamakuru mu kurandura ruswa burundu no mu Kugaruza imitungo yose ikomoka kuri ruswa.

***Muri iyi nama hemejwe ko Inama ya 10 ihuza Abayobozi n'Abahagarariye Inzego zo Kurwanya Ruswa mu Bihugu Bihurira mu Muryango w'Ibihugu Bikoresha Ururimi rw'Icyongereza muri Afurika izabera i Kigali, mu Rwanda, mu Mwaka utaha wa 2020.***

Abitabiriye iyi nama kandi basabye ko ingingo yo kurwanya ruswa yashyirwa mu ngingo zizigwaho mu Nama y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma by'Umuryango wa Commonwealth (CHOGM) izabera mu Rwanda mu mwaka wa 2020.

Uretse kuba baragaragaje ko urugamba rwo kurwanya ruswa ruba urwa buri wese, banasabye Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma mu Muryango w'Ibihugu bikoresha Ururimi rw'Icyongereza muri Afurika ko bakongerera ubushobozi mu nzira zose zishoboka Inzego zishinzwe Kurwanya Ruswa, hashyirwaho amategeko yerekeye ifatira n'igaruzwa ry'Imitungo ikomoka kuri ruswa.

Abari mu Nama ya Cyenda ihuza Abayobozi n'Abahagarariye Inzego zo kurwanya Ruswa mu bihugu bihurira mu Muryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza mu Karere ka Afurika banashimangiye ko gukoresha ikoranabuhanga mu gutahura ibyaha bya ruswa ari intwaro ikomeye muri uru rugamba rwo gukumira no kurwanya ruswa.

***Umwanditsi: Jean Paul MBARUSHIMANA***



# Uburyo n'Igihe abaturage bajuririra ibyemezo by'Inkiko mu manza mbonezamubano

Bimwe mu bibazo bishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi biba byabanje kunyura mu Nkiko, kubera kudasobanukirwa n'imikorere yazo, hari abahita biyambaza Urwego rw'Umuvunyi kandi wenda bari bagifite uburyo bwo kujuririra ibyemezo byafashwe.

**Ni ryari abaturage bajuririra ibyemezo by'Inkiko?**

Iyo umwe mu baburanyi atishimiye imikirize y'urubanza rutaracibwa ku rwego rwa nyuma afite uburenganzira bwo kurujuririra.

Ingingo ya 148 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko igihe ntarengwa cyo kujurira ari ukwezi kumwe (1) gitangira kubarwa kuva ku munsi umuburanyi yamenyeyeho ko urubanza rwaciwe.

Hari igihe rero umuburanyi yitwaza ko atari ahari igihe urubanza rwasomwaga akabigira urwitwazo ko atamenye ko urubanza rwasomwe, Itegeko riteganya ko umuburanyi wari uhari iburanisha ripfundikirwa, n'iyo yaba atari ahari umunsi w'isomwa ry'urubanza, afatwa nk'uwamenye igihe urubanza rwasomewe.

Icyakora iyo urubanza rwasomwe uregwa adahari kuko adafite aho abarizwa hazwi amenyeshwa imikirize y'urubanza hakoreshejwe uburyo bw'imenyesharuhame. Umunsi wa mbere w'iryo menyesharuhame ni wo ntangiriro yo kubara igihe cyo kujurira.

**Kujurira bikorwa mu buhe buryo?**

Mu gihe cyashize, gutanga ikirego no kujurira byakorwaga mu nyandiko yashyikirizwaga ubwanditsi bw'Urukiko ariko ubu bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga binyuze ku murongo wa internet https://iecms.gov.rw/en/.

Ingingo ya 149 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko hajurira umuburanyi, umuburanira cyangwa uwo yahaye urubanza abikoze mu buryo bumwe n'ubwo gutanga ikirego akabishyikiriza urukiko rujuririrwa.

Ikindi ni uko itariki umuntu yajuririyeho ari umunsi ubujurire bwashyikirijwe urukiko.

**Mu mwanzuro w'ubujurire hagomba kuba hakubiyemo iki?**

Itegeko riteganya ko ubujurire bukorwa mu buryo bw'umwanzuro utanga ikirego, ugaragaza umwirondoro wuzuye w'ujurira n'uw'uregwa mu bujurire; urubanza rujuririwe n'urukiko rwaruciye; urukiko rwajuririwe; imiterere y'ikibazo mu ncamake; ndetse n' urutonde rw'inenge z'urubanza zisabirwa gukosorwa n'ibindi bibazo bigomba gusuzumwa.

Ujurira agomba kugaragaza kandi ibisobanuro kuri buri nenge cyangwa kuri buri kibazo bigaragaza amakosa yakozwe n'uburyo agomba gukosorwa hashingiwe ku mategeko n'ibimenyetso n'igisabwa urukiko.

Itegeko riteganya ko mu gihe hari ibirego by'inyongera, ugomba kubigarariza ibisobanuro.

Ikindi ni uko uregwa mu bujurire akora umwanzuro mu buryo bumwe n'uwajuriye.

Umwanzuro wo kwiregura usubiza kuri buri kibazo hakurikijwe urutonde rw'ibibazo byagaragajwe n'uwajuriye n'ibyo asaba urukiko.

Itegeko riteganya ko uregwa mu rukiko rujuririrwa ashobora na we kugira ibyo asaba yiregura. Icyo gihe aba ari ubujurire bwuririye ku bundi. Ubwo bujurire bukorwa n'uwarezwe mu bujurire bwerekeye ku wajuriye cyangwa ku bandi barezwe mu bujurire.

Mu gihe ubujurire bw'ibanze butakiriwe, cyangwa bwasibwe, ntibibuza ko uregwa mu ubujurire asaba amafaranga y'ikurikiranarubanza. Ubujurire bwuririye ku bundi ntibutangirwa ingwate y'amagarama.

Mu gihe cy'ubujurire iyo bamwe mu baburanyi bajuriye abandi ntibajurire, ntibibuza ko bose bahamagarwa mu rubanza rw'ubujurire.

Muri icyo gihe, abatarezwe mu bujurire bashobora gusaba ijambo bagamije kurengera inyungu zabo. Bashobora kandi kuririra ku bujurire bakagira ibyo basaba kimwe n'uko bashobora gutakaza bimwe mu byo bari baragenewe mu rubanza rwajuririwe.

**Ese birashoboka ko watanga ikirego gishya ku rwego rw'ubujurire?**

Itegeko riteganya ko ku rwego rw'ubujurire hadashobora gutangirwa ikirego gishya keretse kuregera guhwanya imyenda, cyangwa gutanga ikirego cyo kwiregura ku kirego cy'ibanze cyatanzwe mu rukiko rw'ubujurire.

Icyakora, ababuranyi bashobora kwaka inyungu, ibyishyuwe ku bukode n'ibindi bintu by'inyongera byabonetse kuva aho urubanza rwaciriwe n'indishyi z'igihombo umuburanyi yagize kuva urubanza ruciwe.
Ntibibujijwe ariko mu rwego rw'ubujurire gutanga ibisobanuro bishya cyangwa ibimenyetso bishya bigamije kumvikanisha kurushaho ibyari byaraburanishijwe mu rwego rwa mbere.

**Ikirego cy'ubujurire kigira izihe nkurikizi?**

Ikirego cy'ubujurire cyakiriwe gituma ikibazo gisubira uko cyari kimeze mbere y'uko gicibwaho urubanza rujuririrwa, ariko ku ngingo zajuririwe gusa.

Urukiko rwajuririwe rushobora guhindura urubanza rwajuririwe mu ngingo zarwo zose cyangwa zimwe muri zo. Rushobora kandi kwemeza uko rwari rwaciwe cyangwa kurutesha agaciro.

Itegeko riha ububasha Urukiko rwajuririwe guca urubanza mu mizi keretse iyo urubanza rwajuririwe rwaciwe n'urukiko rutabifitiye ububasha, iyo urukiko rwiyambuye ububasha kandi rubufite, ndetse n'iyo urukiko rwaregewe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.
Ese urubanza rushobora kurangizwa kandi rwarajuririwe?

Itegeko riteganya ko iyo ibihe byo kujuririra urubanza biteganyijwe n'amategeko bitararangira cyangwa rwarajuririwe, irangizwa ryarwo riba rihagaze keretse iyo urukiko rwagennye ko rurangizwa by'agateganyo.

**Ni izihe manza zitajuririrwa?**

- Itegeko No30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko riteganya ko imanza zasubiwemo ku mpamvu z'akarengane zidashobora kongera kujuririrwa ndetse n'ibyemezo bitegeka kwimurira imanza mu zindi nkiko ntibishobora kujuririrwa.
- Icyemezo gifashwe mu gusubirishamo urubanza ingingo nshya ntigishobora kujuririrwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 176 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi. Icyemezo cy'ubwumvikane bw'ababuranyi nacyo ntikijuririrwa.
- Iyo umuburanyi atitabye mu kuburana urubanza yabyukije rwari rwarasibwe, icyemezo cyo gusiba urwo rubanza nacyo ntikijuririrwa.
- Icyemezo gifashwe n'urukiko ku nzitizi y'uburegeke n'iy'isobekerana ry'imanza ntikijuririrwa.
- Itegeko riteganya ko imanza ziciwe ku birego bishingiye ku kiburanwa gifite agaciro gato zitajuririrwa.
- Icyemezo gifashwe ku kirego gisaba guhagarika irangizarubanza ry'agateganyo mu rukiko rwajuririwe, ntikijuririrwa.
- Ibirego by'ihanagurabusembwa ku bantu bakatiwe n'inkiko zisanzwe ntibijuririrwa.

**Bigenda bite igihe umuburanyi yakererewe kwiyambaza inzira zo kujurira?**

Igihe umuburanyi yakererewe kwiyambaza inzira z'ubujurire bitewe n'impamvu zikomeye zitunguranye kandi zidaturutse ku bushake bwe, igihe cyo kujurira kirongerwa kugeza igihe izo mpamvu zirangiriye.
Tubibutse ko Urubanza rwahereye mu Bunzi b'Akagari rujuririrwa kugera mu Rukiko rw'Ibanze.
Urubanza rwahereye mu Rukiko rw'Ibanze rujuririrwa kugera mu Rukiko Rwisumbuye.

Urubanza rwahereye mu Rukiko Rwisumbuye cyangwa Ingereko zarwo zihariye rujuririrwa kugera mu Rukiko Rukuru. Urubanza rwahereye mu Rukiko Rukuru rujuririrwa kugera mu Rukiko rw'Ubujurire. Ibyo bishobora kutubahirizwa iyo hari izindi mpamvu ziteganywa n'amategeko zituma habaho ubujurire ku rwego rwa kabiri.

Urukiko rw'Ikirenga rwo rufite ububasha bwo gusubirishamo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, Guhindura umurongo wafashwe n'inkiko mu nyungu z'itegeko, gukemura impaka, Ububasha bwerekeye imihango y'ishyirwaho n'ivanwaho ry'abayobozi, Kugenzura ko amategeko atanyuranyije n'Itegeko Nshinga.

Kuba rero amategeko yarateganyije inzira z'ubujurire ku manza abaturage batishimiye, izo nzira ziba zigomba kubanza kubahirizwa mbere y'uko hiyambazwa Urwego rw'Umuvunyi. Urwego rw'Umuvunyi kandi ntirushobora kwivanga mu mikurikiranire y'ibyaha cyangwa mu miburanishirize y'imanza zerekeye ibirego byashyikirijwe inzego z'ubutabera. Byumvikane ko ibirego byaciye mu nkiko bigera ku Urwego rw'Umuvunyi ari uko bisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane cyangwa ari uko bisabirwa kurangizwa igihe abagombaga kubikora batabikoze.

***Umwanditsi: MURINDA Jean de la Paix***



# TUMENYE IBIGENDERWAHO N'URWEGO RW'UMUVUNYI MU GUSUBIRISHAMO IMANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE NO KUZIRANGIZA

Urwego rw'Umuvunyi rwahawe ububasha bwo gusubirishamo Imanza ku mpamvu z'akarengane n'ububasha bwo kurangiza imanza.

Hashingiwe ku ngingo ya 15 y'Itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, iteganya ko: *"Mu nyungu z'ubutabera, Urwego rufite ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe n'Inkiko zisanzwe, Inkiko z'Ubucuruzi cyangwa iza Gisirikare ku rwego rwa nyuma, mu gihe hakigaragaramo akarengane".*

Iryo suzuma n'isubiramo bikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko. Ingingo ya 55 y'iryo tegeko iteganya ko impamvu zituma habaho gusubirishamo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma ari izi zikurikira:
1° Iyo hari ibimenyetso simusiga bigaragaza ruswa, ikimenyane cyangwa icyenewabo, byagize ingaruka ku mikirize y'urubanza bikaba bitarigeze bimenywa n'uwatsinzwe mu gihe cy'iburana;

2° Iyo mu icibwa ry'urubanza hirengagijwe amategeko cyangwa ibimenyetso bigaragarira buri wese kandi bikaba bigaragara ko iyo ibyo bimenyetso cyangwa amategeko biza kwitabwaho, Urukiko rutari gufata icyemezo rwafashe;

3° Iyo urubanza rudashobora kurangizwa hakurikije imikirize yarwo.
Iyi ngingo kandi igaragaza ko umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ariko ntabikore mu gihe giteganyijwe n'amategeko, atemerwa gusaba ko urubanza yatsinzwe rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, keretse akarengane kabonywe n'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko.

Mu ngingo ya 56 n'iya 58 z'iryo tegeko, hateganya ko usaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane yandikira Perezida w'Urukiko rukuriye Urukiko rwaciye urwo rubanza ku rwego rwa nyuma, mu nyandiko ikubiyemo impamvu ashingiraho mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi yamenyesherejwe imikirize yarwo.

Iyo atanyuzwe n'igisubizo ahawe na Perezida w'Urwo Rukiko yari yandikiye, atakambira Urwego rw'Umuvunyi mu gihe kitarenze iminsi 30 uhereye igihe yamenyeye icyo cyemezo. Iyo urubanza rusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ari urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire, ubusabe bushyikirizwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Icyemezo afashe ku isuzuma ry'akarengane kiba ari ndakuka, nta rundi rwego rugisuzuma.

Icyakora, iyo ari ugusubirishamo urubanza kubera ko urubanza rudashobora kurangizwa hakurikije imikirize yarwo, igihe cy'iminsi 30 gishobora gutangira kubarwa guhera igihe byagaragariye ko urwo rubanza rudashobora kurangizwa byemejwe n'inyandiko y'umuhesha w'inkiko.

Urwego rw'Umuvunyi ntirushobora kugira uruhare mu isuzuma ry'akarengane mu rubanza rwabayemo umuburanyi. Ako karengane gasuzumwa na Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza bisabwe n'Urwego rw'Umuvunyi cyangwa uwo baburanye. Iyo igisubizo cya Perezida w'Urukiko kitanyuze umwe mu baburanyi, utanyuzwe yandikira Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko, akaba ariwe usuzuma akarengane.

Imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca ntizishobora gusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane hashingiwe kuri iyi ngingo.
Gusaba ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntibihagarika irangiza ry'urubanza. Icyakora, iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rwongera kuburanishwa ku mpamvu z'akarengane ariko rutararangizwa, irangizwa ryarwo rihita rihagarara kabone n'iyo imihango yo kururangiza yaba yaratangiye.

***Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abaturage kubahiriza no gukurikiza inzira zagaragajwe nk'uko zikurikirana mu gushyikiriza ibibazo byabo inzego zibishinzwe, kubera ko iyo bidakozwe nk'uko biteganywa n'amategeko, ibibazo byabo bitakirwa ngo bisuzumwe.***

**Umwanditsi: Aboubakar HARERIMANA**



# Perezida Kagame yavuze ko kurwanya ruswa bikwiye kumvwa mu buryo bwiza nk'urugamba rwo guharanira gukorera mu mucyo



*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yitabiriye Inama Mpuzamahanga ku kurwanya Ruswa muri Nigeria*

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame mu ruzindiko yagiriye Abuja muri Nigeria tariki ya 11 Kamena 2019, yanatanze ikiganiro mu nama yo kurwanya ruswa yafunguwe na Perezida w'icyo gihugu, Muhammadu Buhari.

Perezida Kagame yasangije abitabiriye inama mpuzamahanga ku kurwanya ruswa ishamikiye ku Munsi wa Demokarasi wizihijwe muri Nigeria kuwa Gatatu tariki 12 Kamena 2019.

Perezida Paul Kagame yavuze ko u Rwanda rwashyizeho inzego zirwanya ruswa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yanavuze ko kurwanya ruswa bikwiye kumvwa mu buryo bwiza nk'urugamba rwo guharanira gukorera mu mucyo, kubazwa inshingano kandi buri wese akabigiramo uruhare. Yagarutse ku mwanditsi w'Umunya-Nigeria Ngozi Okonjo-Iweala wanditse igitabo yise 'Fight Against Corruption Is Dangerous, bishatse kuvuga ngo 'Kurwanya ruswa bigira inkurikizi', avuga ko yamusabye kwandika ikindi avuga ko 'kutarwanya ruswa bigira inkurikizi mbi cyane kurushaho'.

Perezida Kagame ati "Uru ni urugamba dushobora gutsinda. Kwihanganira ruswa ni amahitamo ntabwo ari ibintu bitakwirindwa. Biri mu mbaraga zacu kubirangiza, ni ho h'ingenzi ho guhera. Bitabaye ibyo, byaba gutakaza igihe gukomeza kubivugaho gusa".

Yakomeje agira ati "Inshingano y'ibanze irareba abayobozi mu nzego zose. Aho ruswa yabaye umuco n'uburyo bwo kubaho, ni uko abayobozi baba barabihisemo muri iyo nzira"

Perezida Kagame yakomeje avuga kandi ko ruswa ikeneye kurwanywa guhera hejuru kugeza hasi kuko ari bwo buryo buboneye butuma abaturage babyiyumvamo, kubaza abayobozi inshingano binyuze mu matora no mu zindi nzira.

Gusa Perezida Paul Kagame avuga ko ruswa ari inenge igaragara mu ntege nke z'abatuye Isi bose, ngo si iya Afurika gusa kuko imibare y'ubushakashatsi igaragaza ko n'abari hanze ya Afurika bari mu bayungukiramo.

Mu Rwanda ngo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Guverinoma nshya yakoze ibiganiro bigamije kubaka igihugu ishyiraho inzego zo kurwanya ruswa zirimo Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoro n'Amahoro (Rwanda Revenue Authority, RRA), Urwego rw'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta (Office of the Auditor General, OAG), Urwego rw'Umuvunyi no gukorera ku mihigo.

# Ubukangurambaga mu rwego rwo gukumira Ruswa

Urwego rw'Umuvunyi rufite inshingano zo guhugura abaturage, abakozi b'Inzego z'imirimo mu Bigo bya Leta, mu Miryango no mu Bigo bitari ibya Leta, kwirinda ruswa n'Akarengane no kubaka Igihugu no kudatinya kwamagana imikorere mibi ishingiye kuri ruswa ari nabyo nkomoko y'akarengane nayo ni inshingano ikomeye Urwego rw'Umuvunyi rufite kandi ni n'intego y'icyerekezo cy'Igihugu.

Mu gushyira mu bikorwa izo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwateguye kandi rukora ubukangurambaga ku bubi bwa ruswa n'akarengane, ingaruka zabyo, uburyo bwo kubikumira no kubyirinda n'uruhare rwa buri muturage mu kubirandura.

Mu buryo bwakoreshejwe harimo amahugurwa n'ibiganiro mbwirwaruhame bigenewe ibyiciro bitandukanye by'abantu, ibiganiro ku maradiyo n'icyumweru cyo kurwanya ruswa.

## Ubukangurambaga bukorwa bute?

Ubukangurambaga bukorwa mu buryo butandukanye aho Urwego rw'Umuvunyi rukoresha uburyo butandukanye harimo ***amahugurwa, ibiganiro, udutabo, n'ibyapa*** hagamijwe kugeza ku baturarwanda ubutumwa bubakangurira kwirinda ruswa no kugaragaza aho ikekwa hose.

Buri mwaka w'ibikorwa Urwego rw'Umuvunyi rutegura ibyiciro bitandukanye byo kuzahabwa amahugurwa. Mu mwaka wa 2018-2019; hahuguwe ibyiciro bikurikira:

- Inama Ngishwanama yo kurwanya ruswa n'akarengane ku rwego rw'Umurenge mu turere 10 (Gatsibo, Ngoma, Nyamasheke, Rusizi, Muhanga, Gisagara, Rulindo, Rubavu, Bugesera na Kicukiro) Abahuguwe bari abantu **604**
- Abantu **207** bagize amashyirahamwe y'urubyiruko yo kurwanya ruswa (Anti-corruption Clubs);
- Ubukangurambaga ku bantu **3648** bo muri Kaminuza y'u Rwanda mu Mashami yayo yose uko ari 9;
- Ubukangurambaga ku banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye bagera kuri **14.218**;
- Ubukangurambaga ku bantu 94 bagize Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko;
- Ubukangurambaga ku bantu 32 bagize Urugaga rw'Abahanga mu by'Ubwubatsi.

Ubukangurambaga kandi bwakozwe hatangwa ubutumwa bwo kurwanya ruswa mu muganda rusange.

## Ese icyumweru cyo kurwanya ruswa nacyo cyabaye inzira nziza yo kunyuzamo ubutumwa bwo kurwanya Ruswa?

Nibyo iki cyumweru cyabaye umusemburo w'ibikorwa byiza mu kurwanya ruswa. Dufashe nk'urugero mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019, iki cyumweru cyakozwemo ibikorwa bitandukanye birimo ibi bikurikira:

Umunsi w'abagore wo kurwanya ruswa

Umunsi w'Abagore wo kurwanya ruswa wabaye ku itariki ya 5 Ukuboza 2018 ku nsanganyamatsiko yihariye igira iti "ruswa idindiza iterambere ry'umuryango, uruhare rw'umugore mu kuyirwanya ni ingenzi "

## Umunsi wahariwe RIB mu kurwanya ruswa

Umunsi wahariwe Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha wabaye ku itariki ya 06 Ukuboza 2018 ibikorwa by'ubukangurambaga mu gukumira no kurwanya ruswa byayobowe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha.

## Umunsi wa Polisi

Tariki ya 8/12/2018 ibikorwa by'ubukangurambaga ku gukumira no kurwanya ruswa byateguwe ku bufatanye bw'Urwego rw'Umuvunyi na Polisi y'Igihugu.

Kuri uwo munsi hatanzwe ibiganiro ku buryo bunoze bwo kugenza icyaha cya ruswa, ingamba ziriho zo kuyikumira ndetse n'ibiteganijwe mu Itegeko rishya ryerekeye kurwanya ruswa. Kuri uyu munsi kandi ni naho habaye umunsi wo gusoza ku mugaragaro icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa.

## Ubukangurambaga mu Itangazamakuru

Urwego rw'Umuvunyi ku bufatanye n'Ubushinjacyaha Bukuru na Transparency International Rwanda batanze ikiganiro kuri Radiyo Rwanda kibanze ku Nsanganyamatsiko igira iti "Gutsinda urugamba rwo kurwanya ruswa birashoboka". Abaturage bari hirya no hino mu gihugu bahawe umwanya batanga ibitekerezo byabo kuri ruswa, berekana aharangwa ibyuho byayo ndetse banashimangira umusanzu wabo mu kuyihashya;

**Umupira w'amaguru watanzwemo ubutumwa bwo kurwanya ruswa.**

Ubutumwa bwo kurwanya ruswa binyujijwe mu Mupira w'amaguru. Aho ku itariki ya 9/12/2018 habaye umupira w'amaguru wahuje Ikipi y'Abanyamakuru b'Imikino (AJSPOR) n'Ikipe ya Vision 2020 wabereye kuri Stade Regional ya Kigali i Nyamirambo. Kuri uwo munsi hatanzwe ubutumwa bukangurira Abaturarwanda kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ruswa.

Ubukangurambaga bwari bufite intego yo gushishikariza abantu muri rusange ububi bwa ruswa ndetse no kurushaho kugira uruhare mu gukumira no kuyirwanya. Niyo mpamvu habayeho gusobanurirwa icyaha cya ruswa n' ibindi bikorwa byose bigaragaramo ruswa.

Ubukangurambaga bwatanze umwanya ukwiye wo gusobanurira abantu ububi bwa ruswa no kurushaho kumva neza inshingano zabo mu kugira uruhare rwo kuyikumira no kuyirwanya. Nk'uko byagaragaye, uwo mwanya w'ibiganiro watumye ababihawe bamenya mu buryo bwimbitse ububi bwa ruswa n'uburyo bwo kuyirinda no kuyirwanya, bityo bagafata ingamba zihamye muri urwo rugamba.

***Umwanditsi: UMUNYANA Charity***



## Urutonde rw'abahamwe na Ruswa mu bujurire guhera muri kanama 2018 kugeza muri Mutarama 2019

Hashingiwe ku ngingo ya 4 (10º) y'Itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi isaba Urwego rw'Umuvunyi gukora no gutangaza urutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa n'ibihano bahawe;

Hashingiwe kandi ku Itegeko N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa, mu ngingo yaryo ya 2 agaka ka 2º igaragaza igisobanuro cya ruswa n'ibikorwa igaragariramo kuva kuri (a) kugera kuri (l);
Urwego rw'Umuvunyi rwatangaje urutonde ruriho abantu 108 bahamwe burundu n'icyaha cya ruswa kuva muri Kanama 2018 kugera muri Mutarama 2019.

**Aba bantu 108 baburanye mu manza 83 zizi mu byiciro bikurikira:**

- Gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke: imanza 55 zigaragaramo abantu 61
- Kunyereza umutungo: imanza 25 zigaragaramo abantu 35
- Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro: imanza 8 zigaragaramo abantu 10
- Kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganijwe: urubanza 1 rugaragaramo umuntu 1.

Agaciro k'imitungo yakoreweho icyaha cya ruswa kuri uru rutonde kangana na **385,256,956Frw** n'amadorali **369,110USD.** Abahamijwe icyaha cya ruswa bose baciwe ihazabu ingana na 1,074,642,328 Frw. Igifungo bakatiwe kiva ku mwaka umwe kugeza ku myaka 10.

Ruswa nini igaragara muri urwo rutonde rw'abahamwe burundu n'icyaha cya ruswa ni kunyereza umutungo w'amafaranga 165.095.431 Frw n'amadolari 368.280 USD byakozwe n'Umu Consultant n'Abatekinisiye 2; Urubanza rwaciwe na HC Nyanza.

Hagaragaye kandi kunyereza umutungo byakozwe n'Abayobozi 2 bashinzwe ubucuruzi muri SONARWA ungana na 163.843.336 Frw. Umukozi wa REG nawe yanyereje umutungo w'amafaranga 90.384.840 Frw.

**Ibyiciro by'abantu bahamwe na ruswa mu gihe cyavuzwe haruguru bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:**

| Nº | ICYICIRO | UMUBARE |
|---|---|---|
| 1. | Abahinzi | 15 |
| 2. | Abashoferi | 11 |
| 3. | Abamotari | 11 |
| 4. | Abacuruzi | 8 |
| 5. | Icyo akora kitazwi | 5 |
| 6. | Umukoresha wa VUP | 4 |
| 7. | Abakozi ba Agape Sanctuary Church | 3 |
| 8. | DASSO | 2 |
| 9. | Umukozi wa ISCO | 2 |
| 10. | Umukozi wa Koperative y'Abamotari | 2 |
| 11. | Umuyobozi ushinzwe ubucuruzi muri SONARWA | 2 |
| 12. | Abanyerondo | 2 |
| 13. | Tekinisiye | 2 |
| 14. | Umukozi wa COPEC | 2 |
| 15. | Ushinzwe gukata amatike muri Ugusenga Express | 2 |
| 16. | Umuzamu | 2 |
| 17. | Umukozi wa Ludic East Africa Ltd | 2 |
| 18. | Umukozi wa Zamuka Feed | 2 |
| 19. | Umukozi w'Iposita | 1 |
| 20. | Umukozi wa Leta ushinzwe iterambere mu Kagali | 1 |
| 21. | Umukozi wa Banki | 1 |
| 22. | Umunyeshuri | 1 |
| 23. | Umuyobozi w'Umudugudu | 1 |
| 24. | Umuvuzi gakondo | 1 |
| 25. | Umupolisi | 1 |
| 26. | Umucungamutungo wa SACCO Nkomane | 1 |
| 27. | Umucungamutungo wa HOME BASKET SACCO | 1 |
| 28. | Umukozi wa Petrocom | 1 |
| 29. | Umukozi wa REG | 1 |
| 30. | Umukozi wa BELCOM | 1 |
| 31. | Umucungamutungo wa COPEC | 1 |
| 32. | Umubitsi wa COPEC TWIZIGAMIRE/ NYAMAGABE | 1 |
| 33. | Umukozi wa SACCO JABANA | 1 |

| | | |
|---|---|---|
| 34. | Umukozi wa SACCO Gikomero | 1 |
| 35. | Umukozi wa SACCO ITEGANYIRIZE/ RUTARE | 1 |
| 36. | Umukozi wa SACCO Baturebereho | 1 |
| 37. | Umukozi wa SACCO NDERA | 1 |
| 38. | Umukozi wa Rwanda EPZE | 1 |
| 39. | Umukozi wa Akagera Business Group | 1 |
| 40. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari | 1 |
| 41. | Consultant | 1 |
| 42. | Umukozi wa RITCO | 1 |
| 43. | Umuyobozi w'Ishami rya Mutuelle de Santé | 1 |
| 44. | Umuyobozi wa Microfinance Umutanguha | 1 |
| 45. | Umubitsi wa Microfinance Umutanguha | 1 |
| 46. | Umukozi wa Nzafamico Ltd | 1 |
| 47. | Perezida w'Ikimina | 1 |
| 48. | Umukozi wa Ignite Power Ltd | 1 |
| 49. | Umukozi wa Best Realizer | 1 |

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, icyiciro cyagaragayemo umubare munini w'abahamwe na ruswa ni icy'abahinzi gikurikirwa n'icy'abashoferi n'abamotari.



# URUTONDE RUGARAGARAHO IMYIRONDORO Y'ABAHAMWE BURUNDU NA RUSWA

| N° | NOMERO Y'URUBANZA | IMYIRONDORO Y'UWAHAMWE N'ICYAHA | IGITSINA | UMURIMO | URUKIKO RWAMUKATIYE | ICYAHA CYAKOZWE | IGIHANO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | RPA 00403/2018/ HC/KIG | UWAMUNGU Alphonse, mwene Rwamurinda na Mukantagara, wavutse mu 1985, ubarizwa Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 7.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 35.000 |
| 2. | RPA 00347/2018/ HC/KIG | MUKARUTABANA Wivine, mwene Rubayiza Gerard na Mukarubuga Julienne, wavutse mu 1976, ubarizwa Kagarama-Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gore | Umucuruzi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amadolari 800USD | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 1.345.600 |
| 3. | RPA 00406/2018/ HC/KIG | MURINDANYI Viateur, mwene Ngirumpatse Zacharie na Mukangango Stéphanie, wavutse mu 1982, ubarizwa Nyarugenge- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | DASSO | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 4. | RPA 00463-469/2018/ HC/KIG | MUSHENGEZI Issa, mwene Gakumba Saidi na Mukandekezi Vénantie, wavutse mu 1982, ubarizwa Gashara- Bugesera- Iburasirazuba | Gabo | Umukozi wa ISCO | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 100.200 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| | | UWIHANGANYE Souleiman, mwene Kamuhanga na Mukansoneye, wavutse mu 1988, ubarizwa Gashora- Bugesera- Iburasirazuba | Gabo | Umukozi wa ISCO | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 100.200 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 5. | RPA 00442/2018/HC/KIG | BARORE Jeremie mwene Ruhara na Ntabugi, wavutse mu 1988, ubarizwa Gisozi-Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 180.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 360.000 |
| 6. | RPAA 00028/2018/HC/KIG | NIYITEGEKA Phéneas, mwene Munyambuga na Nyirantibag-we, wavutse mu 1978, ubarizwa Cyumba- Gicumbi- Amajyaru-guru | Gabo | Umuhinzi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 7. | RPA 00415/18/HC/KIG | NGENZI Athanase, mwene Gasigwa na Niyonteze, wavutse mu 1980, ubarizwa Cyabakamyi- Nyanza- Amajyepfo | Gabo | Umukozi wa Koperative y'Abamotari | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafa-ranga 5.000 | Igifungo cy' umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| | | NTAWUHORARUMWE Damien, mwene Habiyambere na Nyirangendo, wavutse mu 1980, ubarizwa Cyabakamyi- Nyanza- Amajyepfo | Gabo | Umukozi wa Koperative y'Abamotari | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafa-ranga 5.000 | Igifungo cy' umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 8. | RPA 00526/2018/ HC/KIG | VUGANEZA Emmanuel, Mwene Muyango Athanase na Nakabonye Béatha, wavutse mu 1992, ubarizwa Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy' umwaka 1 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 9. | RPA 00658-00661/2018/HC/KIG | MAGARA GAHAKWA John, mwene Gahakwa Peter na Gahak-wa Daphrose, wavutse mu 1979, ubarizwa Kimironko- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuyobozi ushinzwe ubucuruzi muri SONARWA | HC Kigali | Kwaka no kwakira indonke y'amafa-ranga 11.000.000 | Igifungo cy'imyaka 3 isubitswe mu gihe cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 |
| 10. | RPA 00650/2018/ HC/KIG | DUSABEYEZU André, mwene Nzeyimana na Mukamurara Josepha, wavutse mu 1981, ubarizwa Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 11. | RPA 00641/2018/ HC/KIG | DUSENGUMUREMYI Jean Bosco, mwene Kabondo Jean Bosco na Yabaragiye Marguerite, wavutse mu 1982, ubarizwa Gisozi- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Kigali | Gutanga indonke y'amadolari 30 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 50.820 |
| 12. | RPA 00603/2018/ HC/KIG | NZAYIKORERA Theodomile, mwene Ngerejaho na Kanakuze Speciose, wavutse mu 1993, ubarizwa Gatenga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umunyeshuri | HC Kigali | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 13. | RPA 00080/2018/HC/RWG | NDAYISHIMIYE Emmanuel, mwene Gatera Laurent na Mukakageruka, wavutse mu 1996, ubarizwa Rugarama- Gatsibo- Iburasirazuba | Gabo | Umumotari | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 15.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| 14. | RPA 00194/2018/HC/RWG | BUKEYIRWANDA Anastase, mwene Gashugi Elias na Mukangango Beatrice, wavutse mu 1982, ubarizwa Nyakariro- Rwamagana- Iburasirazuba | Gabo | Umumotari | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'amezi 2 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 15. | RP A00288/2018/HC/RWG | MURISA Maurice, Karisa Pascal na Mukandekezi, wavutse mu 1978, ubarizwa Kigarama- Rwamagana- Iburasirazuba | Gabo | DASSO | HC Rwamagana | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy' imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 16. | RPA 00170/2018/HC/RWG | RWASINE Marc, mwene Twagiramungu Fidele na Mukankusi Athanasie, wavutse mu 1979, ubarizwa Kinyinya- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 17. | RPA 00184/2018/HC/RWG | BIGIRIMANA Emmanuel, mwene Rwakana Philippe na Nyirabazayaka, wavutse mu 1972, ubarizwa Karangazi- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 210.000 |
| 18. | RPA 00353/2018/HC/RWG | MUKABIDERI, mwene Nzamusabwa na Nziraguseswa, wavutse mu 1974, ubarizwa Kibungo- Ngoma- Iburasirazuba | Gore | Umuhinzi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 19. | RPA 00167/2018/HC/RWG | NTAWANGWANABOSE Christophe, mwene Rutazinda Gaspard na Mukamponga, wavutse mu 1973, ubarizwa Gatunda- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umuyobozi w'Umudugudu | HC Rwamagana | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| 20. | RPA 00410/2018/HC/RWG | NIYONSHUTI Eugene, mwene Ndongozi na Julienne Mukamparirwa, wavutse mu 1994, ubarizwa Kibungo- Ngoma- Iburasirazuba | Gabo | Umumotari | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| 21. | RPA 00281/2018/HC/RWG | RUGIRACYANE Cyprien, mwene Munyampotore na N.bajyagahe Alvera, wavutse mu 1967, ubarizwa Rugarama- Gatsibo- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| 22. | RPA 00273/2018/HC/RWG | NDYANABANDI Jean Claude, mwene Ndorimana na Hategekimana, wavutse mu 1987, ubarizwa Mimuri- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umumotari | HC Rwamagana | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 23. | RPA 00140/2018/HC/MUS | NSANZINGOMA Jean Pierre, mwene Barinda na N.Makuba, wavutse mu 1982, ubarizwa Muhoza- Musanze- Amajyaruguru | Gabo | Umushoferi | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 9.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 45.000 |
| 24. | RPA 00244/2018/HC/MUS | MUTESI Clémentine, mwene Rwigamba Elie na Murerwa Marceline, wavutse mu 1991, ubarizwa Kigali- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gore | Umushoferi | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'imyaka 2 umwaka 1 usubitswe n'ihazabu y'amafaranga 210.000 |
| 25. | RPA 00138/2018/HC/MUS | HABANABAKIZE Thomas, mwene Nyarubwa na Nyiranteko, wavutse mu 1887, ubarizwa Jenda- Nyabihu- Iburengerazuba | Gore | Umuhinzi | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 6.000 |
| 26. | RPA 00187/2018/HC/MUS | MINANI J. Paul, mwene Nzakira na Barayavuga, wavutse mu 1983, ubarizwa Gatebe- Burera- Amajyaruguru | Gabo | Umuvuzi gakondo | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 60.000 |
| 27. | RPA 00264/2018/HC/MUS | HAKORIMANA J. Claude, mwene Mporanyabahizi na Mukakarangwa, wavutse mu 1994, ubarizwa Rusenge- Nyaruguru- Amajyepfo | Gabo | Umushoferi | HC Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| 28. | RPA 00349/2018/HC/NYZ | MURAGIJIMANA Patrick, mwene Nduwayezu Alphonse na Nyiranatuje Domina, ubarizwa Muhima- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuhinzi | HC Nyanza | Gutanga indonke y'amafaranga 5.300 | Igifungo cy'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 29. | RP 00254/2018/TGI/HYE | HAVUGIMANA André, mwene Sembeba na Nyiramasengesho, wavutse mu 1996, ubarizwa Ndora- Gisagara- Amajyepfo | Gabo | Umuhinzi | TGI Huye | Gutanga indonke y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 4.000 |
| 30. | RP00214/2018/ TGI/NGOMA | GAKUBA Martin, mwene Segakumba na Mukasharangabo, wavutse mu 1972, ubarizwa Ndego- Kayonza- Iburasirazuba | Gabo | Umucuruzi | TGI Ngoma | Gutanga indonke y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 150.000 |
| 31. | RP 00071/2017/ TGI/NGOMA | NDAGIJIMANA Gaspard, mwene Biturutseho na Ntamfurayish-yari, wavutse mu 1969, ubarizwa Nasho- Kirehe- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gutanga indonke y'amafaranga 70.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 140.000 |
| 32. | RP 00407/2017/ TGI/NGOMA | NTIRENGANYA Emmanuel, mwene Rwabukumba na Yankurije, wavutse mu 1978, ubarizwa Munyiginya- Rwamagana- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gutanga indonke y'amafaranga 50.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'igice n'ihazabu y'amafaranga 100.000 |
| 33. | RP 00496/2017/TGI /NGOMA | HAKIZIMANA Eric, mwene Ribakare na Muhangayire, wavutse mu 1985, ubarizwa Gishari- Rwamagana- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 34. | RP 00377/2018/TGI/ NYG | MINANI Daniel, mwene Nkiriye na Nyiransekuye, wavutse mu 1962, ubarizwa Karama- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| | | HABINSHUTI Jean Paul, mwene Karegeya na Mukankusi, wavutse mu 1970, ubarizwa Karama- Nyagatare- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 35. | RP 00364/2018/TGI/ NYG | NTABARESHYA Emmanuel, mwene Havugimana na Nyiram-pakaniye,wavutse mu 1992, ubarizwa Muhura- Gatsibo- Ibur-asirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Nyagatare | Gutanga indonke y'amafaranga 4.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 36. | RP 00093/2018/TGI/ MHG | NIYOYIGENERA Alexia, mwene Rugambage na Bakankesha, wavutse mu 1983, ubarizwa Ruhango- Ruhango- Amajyepfo | Gore | Umuhinzi | TGI Muhanga | Gutanga indonke y'amafaranga 1.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 5.000 |
| 37. | RP 00310/2018/TGI/ MUS | NGIZWENIMANA, mwene Niyonzima na Kabagwera, wavutse mu 1987, ubarizwa Muhoza- Musanze- Amajyaruguru | Gabo | Umumotari | TGI Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 8.000 | Igifungo cy'umwaka 1 |
| 38. | RP 00316/2018/TGI/ MUS | NDAGIWENIMANA Samson, mwene Sekayange na Nyirabambari, wavutse mu 1981, ubarizwa Gakenke- Gakenke- Amajyaruguru | Gabo | Umuhinzi | TGI Musanze | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 40.000 |
| 39. | RP 00440/2018/TGI/ GSBO | AYABAGABO Jean Baptiste, mwene Munyakaragwe Etienne na Mukankusi Costasie wavutse mu 1982, utuye Gasagara- Gasagara- Gikomero- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuhinzi | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 3, imyaka 2 isubitswe mu gihe cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 40. | RP/ECON 00018/2018/TGI/ GSBO | HABYARIMANA Joel, mwene Ruhangintwari Emmanuel na Mukarugomwa Anastasie, wavutse 1974, ubarizwa Munanira II- Nyakabanda- Nyarugenge, Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 2.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 41. | RP 00738/2018/TGI/ GSBO | MUHAWENAYO Patrick, mwene Rwibasira Fidele na Kabera Candide, wavutse mu 1990, utuye Kayenzi- Nyabikenke- Bumbogo- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 42. | RP 00803/2018/TGI/ GSBO | RUTANYIHUKA Gilbert, mwene Mutabazi Dominique na Mukarumanzi Marie, wavutse mu 1990, ubarizwa Rukurazo- Kibagabaga- Kimironko- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 43. | RP01025/2018/TGI/ GSBO | HABIMANA Albert, mwene Semuhonyege na Nyiramana Therese, wavutse mu 1992, ubarizwa Kibaza- Kacyiru- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 25.000 |
| 44. | RP00538/2018/TGI/ GSBO | NTAWUHUNGUMWANZI Henry Eric, mwene Munyakazi na Nyiramajoro wavutse mu 1976, ubarizwa Gatanga- Ruhuha- Bugesera- Iburasirazuba | Gabo | Umupolisi | TGI Gasabo | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 90.000 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 45. | RP/ECON 00024/2018/TGI/ GSBO | KIRENGA Albert, mwene Munyandenzi Leopold na Nyirabacece Florida, wavutse mu 1984, ubarizwa Kabisoza- Agateko- Jali- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Ngoma | Gutanga indonke y'amafaranga 3.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 15.000 |
| 46. | RP 01067/2018/TGI/ GSBO | NGIZWENAYO Vincent, mwene Sikubwabo Pierre na Nyiraneza Agnes, wavutse 1978, ubarizwa Rebero- Kabuye- Jabana- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umumotari | TGI Gasabo | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| 47. | RP 00546/2018/TGI/ NYGE | IYAMUREMYE Théodaste, mwene Karegeya na Kashera, wavutse mu 1979, ubarizwa Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 48. | RPA 00630/2018/TGI/ NYGE | MUSONERA Denis, mwene Uwimana Marc na Mukamurinda Stephanie, wavutse mu 1992, ubarizwa Ndera- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa AGAPE Sanctuary Church | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 5.000.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 3.000.000 |
| | | NAYIRABARINZE Wensislas, mwene Kanyezamu Paul na Nzabamwita Anastasie, wavutse mu 1971, ubarizwa Muyumbu- Rwamagana- Iburasirazuba | Gabo | Umukozi wa AGAPE Sanctuary Church | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 5.000.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 3.000.000 |
| 49. | RP 00903/2018/TGI/ NYGE | UMUHOZA Pacifique, mwene Karinda Pierre Celestin na Mukarurinda, ubarizwa Gashora- Bugesera- Iburasirazuba | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| | | KARANGWA Desire, mwene Karangwa, wavutse mu 1973, ubarizwa Gacurabwenge- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umumotari | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 20.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 12.000 |
| 50. | RP 00669/2018/TGI/ NYGE | NDAGIJIMANA François, mwene Nzabagerageza na Kampire, wavutse mu 1982, ubarizwa Jabana- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 100.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 1.000.000 |
| 51. | RP 00669/2017/TGI/ NYGE | UWITONZE Claude, mwene Nyandwi na Mukamana, wavutse mu 1989, ubarizwa Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umunyerondo | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 6.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 12.000 |
| | | HABIYAKARE Alexis, mwene Hakizimana Mukagakumba, wavutse mu 1988, Kimisagara- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 6.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 12.000 |
| 52. | RP 00942/2018/TGI/ NYGE | UMUTESI Pacifique, mwene Karinda na Nteziryayo, wavutse mu 1996, ubarizwa Nyakabanda- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gore | | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 29.000 | Igifungo cy'imyaka 6 n'ihazabu y'amafaranga 50.000 |
| 53. | RP 01028/2018/TGI/ NYGE | MUSHINZIMANA Jacques, mwene Nkurinkiyimfura na Mukabutera, wavutse mu 1992, ubarizwa Nyamirambo- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umunyerondo | TGI Nyarugenge | Gutanga indonke y'amafaranga 10.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| 54. | RP 00854/2018/TGI/ NYGE | NDAYAMBAJE Théogène, mwene Kamayubonye na Ntamuheza, wavutse mu 1989, ubarizwa Nyakabanda- Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umushoferi | TGI Nyarugenge | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 55. | RP00049/2018/TB/ CYE | HAKORIMANA Pascal, mwene Urimubenshi na Nyirampagazehe, wavutse mu 1987, ubarizwa Cyeru- Burera- Amajyaruguru | Gabo | Umukoresha mu muhanda wa VUP | TB Cyeru | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 5.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 30.000 |
| | | NYIRABAGENZI Odette, mwene Nsengiyumva na Manirakiza, wavutse mu 1992, ubarizwa Cyeru- Burera- Amajyaruguru | Gore | Umukoresha mu muhanda wa VUP | TB Cyeru | Kwaka no kwakira indonke y'amafaranga 1.500 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 9.000 |
| 56. | RPA 00662/2018/ HC/KIG | NAGABA Flora, mwene Kabera Alfred na Nyiravara Joly, wavutse mu 1986, ubarizwa Kigarama- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gore | Umuzi wa PETROCOM Ltd ushinzwe gucunga ishami rya Kicukiro | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 22.107.505 | Igifungo cy'imyaka 2 gisubitswe mu gihe cy'umwaka n'ihazabu y'amafaranga 5.999.954 |
| 57. | RPA00038/ 2018/HC/KIG | KIMENYI Védaste, mwene Sebufurenge Jean Bosco na Kibabari Rose, wavutse mu 1978, ubarizwa Nyarugunga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa REG | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 90.384.840 | Igifungo cy'umwaka 1 no kwishyura amafaranga 45.192.420 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | GAPITENE Bonaventure, mwene Kabayiza Aloys na Nibagwire Anathalie, wavutse mu 1969, ubarizwa Kacyiru- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuyobozi wa BELECOM Ltd | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 90.384.804 | Igifungo cy'umwaka 1 no kwishyura amafaranga 45.192.402 |
| 58. | RPA 00811/2017/HC/ KIGRPA/ ECON00012/ 2017/HC/KIG | HAKIZIMANA Alphonse, mwene Barakengera na Mukanyambo, wavutse mu 1974, ubarizwa Kirehe- Iburasirazuba | Gabo | Umukozi wa SACCO Jabana | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.055.000 | Igifungo cy'imyaka 2 gisubitswe mu myaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 2.910.000 |
| 59. | RPA 00608, 00595/ 2018/HC/KIG | NIRAGIRE Seleman, mwene Niragire Nicodem na Nsabimana Mwahidja, wavutse mu 1984, ubarizwa Kicukiro- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa RWAN-DA EPZE | HC Kigali | Kunyereza amakarito 54 ya jus y'Inyange | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| | | NDAYISHIMIYE Jean Damascène, mwene Seburarima na Ny-irashikama, wavutse mu 1992, ubarizwa Nyarugunga- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa RWAN-DA EPZE | HC Kigali | Kunyereza amakarito 54 ya jus y'Inyange | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 10.000 |
| 60. | RPA 00445/2018/ HC/KIG | NSHIMIYE Eric, mwene Mbaraga na Mukarusine, wavutse mu 1988, ubarizwa Gikomero- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa SACCO Gikomero | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 15.600.050 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 46.000.000 |
| 61. | RPA 00459/2018/ HC/KIG | GAKWISI Augustin, mwene Karaenzi Célestin na Nyiramfabakuze, wavutse mu 1984, ubarizwa Kinyinya- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umucuruzi | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 320.000 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 640.000 |
| 62. | RPA 00382/2018/ HC/KIG | BAMFASHENEZA Gaspard, mwene Habyarimana na Mukantabana, wavutse mu 1985, ubarizwa Rutare- Gicumbi- Amajyaruguru | Gabo | Umukozi ushinzwe iterambere mu Kagari | HC Kigali | Kunyereza<br>-Lap top positivo y'amafaranga 228.000<br>-Amafaranga 200.000<br>-Inka ya Girinka y'amafaranga 8.000 | Igifungo cy'imyaka 15 |
| 63. | RPA 00384/2018/ HC/KIG | NDAYISHIMIYE Donath, mwene Nyungura na Niwemugore, wavutse mu 1980, ubarizwa Kisaro- Rulindo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa BPR/ Kisaro | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 2.805.790 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 5.611.580 |
| 64. | RPA 00658/2018/HC/KIG<br><br>RPA 00661/2018/ HC/KIG | KAMANZI Charlotte, mwene Rihamye Viateur na Nibarere Marthe, wavutse mu 1977, ubarizwa Kimironko- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gore | Umuyobozi ushinzwe ubucuruzi muri SONARWA | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 163.843.336 | Igifungo cy'imyaka 3 gisubitswe mu mwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 |
| | | MAGARA GAHAKWA John, mwene Gahakwa Peter na Gahakwa Daphrose, wavutse mu 1979, ubarizwa Kimironko- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umuyobozi ushinzwe ubucuruzi muri SONARWA | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 163.843.336 | Igifungo cy'imyaka 3 gisubitswe mu mwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 |
| 65. | RPA 00995/2017/HC/KIG | NSHIMIYIMANA Josephine, mwene Mvuyekure Venant na Mukantagara, wavutse mu 1990, ubarizwa Rutare- Gicumbi- Amajyaruguru | Gore | Umukozi wa SACCO ITEGANYIRIZE y'Umurenge wa Rutare | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 5.093.500 | Igifungo cy'imyaka 5 gisubitswe mu myaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 5.000.000 |
| 66. | RPA 00715/2018/ HC/KIG | KAYIRA Sébastien, mwene Ndoba na Uwera, wavutse mu 1973, ubarizwa Nduba- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa Akagera Business Group | HC Kigali | Kunyereza umutungo w'amafaranga 75.800 | Igifungo cy'imyaka 3 |
| 67. | RPA 00884/2017/HC/KIG RPA00557/2018/ HC/KIG | NKURIKIYIMANA Célestin, mwene Sekabanza Emmanuel na Nyiramaganya Frédéric, wavutse mu 1985, ubarizwa Kimironko- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Ushinzwe inguzanyo muri HOME BASKET SACCO | HC Kigali | | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 300.000 |
| 68. | RPA 00540/2017/ HC/MUS | NTIRIJYINAMA J. Berchmas, mwene Buturumba na Nyirakaje, wavutse mu 1968, ubarizwa Kavumu- Ngororero- Iburengerazuba | Gabo | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Cyahafi | HC Musanze | Kunyereza imbaho | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 160.000 |
| 69. | RS/REV/RP 00005/2018/HC/NYZ | MUREKEZI Jean Paul, mwene Murekezi Jean na Mukandekezi Appolinarie, wavutse mu 1979, ubarizwa Tumba- Huye- Amajyepfo | Gabo | Consultant | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 165.095.431 n'amadolari 368.280USD | Igifungo cy'imyaka 8 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 249.040.000 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | MBANGUKIRA Pascal alias Wallaby, mwene Murekezi Jean na Mukandekezi Appolinarie, wavutse mu 1984, ubarizwa Niboyi-Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umutekinisiye | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 165.095.431 n'amadolari 368.280USD | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 249.040.000 |
| | | HATANGIMANA Rene alias Cobra, mwene Rudahunga Athanase na Mukasine Marie Therese, wavutse mu 1981, ubarizwa Tumba- Huye- Amajyepfo | Gabo | Umutekinisiye | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 165.095.431 n'amadolari 368.280USD | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 249.040.000 |
| 70. | RPA 00394/2018/HC/NYZ | MUKANSENGIMANA Odette, mwene Muhindurwa Jean Baptiste, wavutse mu 1986, ubarizwa Gasaka- Nyamagabe-Amajyepfo | Gore | Umucungamutungo wa COPEC Twizigamire | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 2.722.000 | Igifungo cy'imyaka 8 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 5.500.000 |
| | | NYIRAMYASIRO Lucie, mwene Bisangwa Vincent na Mutumwinka Virginie, wavutse mu 1981, ubarizwa Gasaka-Nyamagabe- Amajyepfo | Gore | Umubitsi wa COPEC Twizigamire | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 2.120.200 | Igifungo cy'imyaka 8 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 4.500.000 |
| 71. | RPA 00504/2018/HC/NYZ | MUKANGANGO Francine, mwene Ntaganzwa Charles na Mukankusi Esperence, ubarizwa Tumba- Huye- Amajyepfo | Gore | Umukozi wa RITCO | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 4.772.370 | Igifungo cy'imyaka 2 gisubitswe mu myaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 9.544.740 |
| 72. | RPA 00187/2018/HC/NYZ | MUTORE Chris Parfait, mwene Rutayisire Tharcisse na Mujawamariya Renatha, ubarizwa Ruhango- Ruhango-Amajyepfo | Gabo | Umukozi wa SACCO Baturebereho | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 9.167.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 18.334.000 |
| | | SIMBIZI MUHOZA Rene, mwene Simbizi Gaspard na Mukakarera Monique, wavutse mu 1993, ubarizwa Byimana- Ruhango-Amajyepfo | Gabo | Umuyobozi wa VUP mu Murenge wa Ruhango | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 9.167.000 | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 18.334.000 |
| 73. | RS/REV/RP 00019/2018/HC/NYZ | NSENGIMANA Emmanuel, mwene Hategekimana Francois na Nyirarukwavu Felicitee, wavutse mu 1980, ubarizwa Kibirizi-Nyamagabe- Amajyepfo | Gabo | Umucungamari wa COPADE | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 817.500 | Igifungo cy'imyaka 8 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 2.726.250 |
| 74. | RS/REV/RP 00022/2018/HC/NYZ | IYAMUREMYE Haruna, mwene Nyaminani na Mukamusoni, wavutse mu 1984, ubarizwa Rugarika- Kamonyi- Amajyepfo | Gabo | Umucuruzi | HC Nyanza | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.000.000 | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 2.000.000 |
| 75. | RPA 00171/2018/HC/RSZ | MUKAMUSHUMBA Juliette, mwene NSABIMANA Steven na Mukabalisa Jennifer, wavutse mu 1990, ubarizwa Rwimiyaga-Nyagatare- Iburasirazuba | Gore | Ushinzwe gukata amatike mu Ugusenga Express | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 10.156.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 4.970.020 |
| | | MUTABAZI Innocent, mwene Gahayire Isaac na Mukamazimpaka, wavutse mu 1990, ubarizwa Kibeho- Nyaruguru- Amajyepfo | Gabo | Ushinzwe gukata amatike mu Ugusenga Express | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 4.970.020 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 4.970.020 |
| 76. | RPA 00037/2018/HC/RSZ | NSANZAMAHORO Emmanuel, mwene Macumbi Nepomuscene na Mukarwego Cancilde, ubarizwa Murambi- Kigabiro- Nyabitekeri- Nyamasheke- Iburengerazuba | Gabo | Umuyobozi w'ishami rya Mutuel de sante rya Mukomana/ Nyamasheke | HC Rusizi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.178.600 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 2.357.200 |
| 77. | RP 00192/2018/TGI/GIC | MUKAMANA Marie Gorette, mwene Mushyitsi Leonard na Kanakuze Cecile, wavutse mu 1979, ubarizwa Nyamirambo-Nyarugenge- Umujyi wa Kigali | Gore | Umukozi w'Iposita/ Gicumbi | TGI Gicumbi | Kunyereza umutungo w'amafaranga 2.994.434 | Igifungo cy'imyaka 10 n'ihazabu y'amafaranga 5.988.868 |
| 78. | RP/ECON 00004/2018/TGI/NYG | MUSONI John, mwene Nyaruguru na Mukandori Pascasie, wavuse mu 1970, ubarizwa Kabarore- Gatsibo- Iburasirazuba | Gabo | Umuzamu | TGI Nyagatare | Kunyereza umutungo w'amafaranga 21.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |
| | | TUYISENGE Jean Damascene,mwene Ubonyabenshi na Nyiramafaranga, wavutse mu 1997, ubarizwa Remera- Gatsibo-Iburasirazuba | Gabo | Umuzamu | TGI Nyagatare | Kunyereza umutungo w'amafaranga 21.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 200.000 |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 79. | RP 00324/2018/TGI/ NGOMA | NIYOTWIZEYE Jean Pierre, mwene Kayinamura na Mukarurinda, wavutse mu 1989, ubarizwa Kigabiro- Rwamagana- Iburasirazuba | Gabo | Umucuruzi | TGI Ngoma | Kunyereza umutungo w'amafaranga 30.000 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 330.000 |
| 80. | RP 00818/2017/TGI/ GSBO | AHISHAKIYE Yves, mwene Kayiranga Epimaque na Batamuriza Athanasie, wavutse mu 1991, ubarizwa Kanombe- Kicukiro- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa Ludic East Africa Ltd | TGI Gasabo | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.314.506 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 818.780 |
| | | HAKUZIMANA Pascal, mwene Nzabahimana Christophe na Murebwayire Marie Josee, wavutse mu 1987, ubarizwa Kimironko- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gabo | Umukozi wa Ludic East Africa Ltd | TGI Gasabo | Kunyereza umutungo w'amafaranga 1.314.506 | Igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga 1.810.232 |
| 81. | RPA 00177/2018/HC/ MUS | ICYIMANIMPAYE Clémentine, mwene Ngerageze na N.Bangamwabo, ubarizwa Rugerero- Rubavu- Iburengerazuba | Gore | Umuyobozi wa Micro-finance Umutanguha | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafa-ranga 1.115.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 2.230.000 |
| | | MUKESHIMANA Aphonsine, mwene Ntirivamunda na Nyirashavu, ubarizwa Rugerero- Rubavu- Iburengerazuba | Gore | Umubitsi wa Microfi-nance Umutanguha | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafa-ranga 1.115.000 | Igifungo cy'imyaka 4 n'ihazabu y'amafaranga 2.230.000 |
| 82. | RPA 00184/2018/HC/ MUS | NSENGIYUMVA Félicien, mwene Biriyebane na Mukamusoni, ubarizwa Musanze- Musanze- Amajyaruguru | Gabo | Umukozi wa Zamura Feed | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafa-ranga 9.708.400 | Igifungo cy'imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga 17.916.800 |
| | RPA 00201/2018/ HC/MUS | MAFIGI Elvis, mwene Kabengo na Nyiramana, ubarizwa Cyuve- Musanze- Amajyaruguru | Gabo | Umukozi wa Zamura Feed | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafa-ranga 9.708.400 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 17.916.800 |
| 83. | RPA 00202/2018/ HC/MUS | IRADUKUNDA Claude Raphael, mwene Ndikubwimana na N.Ruhango, ubarizwa Kinoni- Burera- Amajyaruguru | Gabo | Umukozi w'Ishyira-hamwe NZAFAMICO Ltd | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafa-ranga 974.000 | Igifungo cy'imyaka 3 n'ihazabu y'amafaranga 1.948.800 |
| 84. | RPA 00277/2018/HC/ MUS | BEMBEREZA Cyprien, mwene Ntahorugiye na Kankindi, ubarizwa Rwaza- Musanze- Amajyaruguru | Gabo | Perezida w'Ikimina Uburinzi/Muhoza | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafa-ranga 1.524.012 | Igifungo cy'imyaka 2 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 3.048.024 |
| 85. | RPA 00286/2018/ HC/MUS | IMANIZABAYO J. Bosco, mwene Sindani Simon na Kabagema Raheli, ubarizwa Cyanzarwe- Rubavu- Iburengerazuba | Gabo | Umukozi wa Ignilte Power Ltd | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro w'ibikoresho | Igifungo cy'imyaka 8 n'ihazabu y'amafaranga 4.000.000 |
| 86. | RPA 00380/2018/ HC/MUS | UMUTONIWASE M. Chantal, mwene Uwimana Faustin na Nyiramasaka Laurence, ubarizwa Karambo- Gakenke- Amajyaruguru | Gore | Umukozi wa Best Re-alizers Company Ltd | HC Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro wa sima | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 1.710.000 |
| 87. | RP 00318/2018/TGI/ NGOMA | NDAYIRAMIJE Eraste, mwene Rutagwabira na Kabumba, wavutse mu 1976, ubarizwa Mutenderi- Ngoma- Iburasirazuba | Gabo | Umuhinzi | TGI Ngoma | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafaranga 1.207.990 | Igifungo cy'umwaka 1 n'ihazabu y'amafaranga 20.000 |
| 88. | RP 00171/2018/TGI/ MUS | MUKANYIRIGIRA Marie Laetitia, mwene Kabagambe Canisius na Mukangwije Marie Gorette, wavutse mu 1982, ubarizwa Kacyiru- Gasabo- Umujyi wa Kigali | Gore | Cashier | TGI Musanze | Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro ungana n'amafaranga 1.700.000 | Igifungo cy'imyaka 7 n'ihazabu y'amafaranga 3.400.000 |
| 89. | RPA 00174/2018/ HC/MUS | KARIMUNDA Emmanuel, ubarizwa Gisenyi- Rubavu- Iburenger-azuba | Gabo | Umukozi w'Ishyira-hamwe NZAFAMICO Ltd | HC Musanze | Kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganijwe | Igifungo cy'imyaka 8 n'amezi 6 n'ihazabu y'amafaranga 3.000.000 |

**Abahamwe n'icyaha cya ruswa kuva mu Kwezi kwa Kanama 2018 kugera mu Kwezi kwa Mutarama 2019 ni abantu 108.**
**Muri abo bahamwe n'icyaha, 91 bakaba ari igitsina gabo naho 18 ni igitsina gore.**

**Ibisobanuro: TGI: Urukiko Rwisumbuye HC: Urukiko Rukuru**

# IGIKORWA CY'IMENYEKANISHAMUTUNGO KU URWEGO RW'UMUVUNYI (IGICE CYA MBERE)

Hashingiwe ku bushake bwa Politiki U Rwanda rwashyizeho ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa mu nzego zose. Hashyizweho inzego zirwanya ruswa hanashyirwaho n'amategeko hagamijwe kwimakaza ubunyangamugayo mu Banyarwanda muri rusange no mu Bayobozi n'Abakozi ba Leta by'umwihariko.

Ni muri urwo rwego, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 mu ngingo yaryo ya 139, ryashyizeho Urwego rw'Umuvunyi ruhabwa inshingano n' Itegeko N° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi.

Imwe muri izo nshingano ni **ukwakira no kugenzura buri mwaka inyandiko z'imenyekanishamutungo w'Abayobozi n'Abakozi ba Leta bateganywa n' Itegeko**.

Igikorwa cy'imenyekanishamutungo cyatangiye mu mwaka wa 2004, kuva icyo gihe kugeza ubu, inyandiko zigaragaza umutungo zirakirwa kandi zikorerwa igenzura buri mwaka.

Urwego rw'Umuvunyi rwakira kandi buri mwaka, ibitabo by'umutungo w'Imitwe ya Politiki yemewe mu u Rwanda, rukanagenzura uko wabonetse n'uko wakoreshejwe.

Imenyekanishamutungo rikorwa hagamijwe gukumira ruswa mu Bayobozi n'Abakozi ba Leta bashishikarizwa gukorera mu mucyo. Rifasha kandi gutahura icyaha cyo kwigwizaho umutungo umuntu adashobora gusobanura inkomoko yawo mu buryo bwemewe n'amategeko.

## I. ABAREBWA N'IMENYEKANISHAMUTUNGO

Kumenyekanisha umutungo ni inshingano kuri aba bantu bakurikira:

1. Abayobozi bagengwa n'Itegeko Ngenga No 11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu Nzego za Leta;

2. Ba Ofisiye Bakuru mu Ngabo z'u Rwanda no muri Polisi y'u Rwanda, Abacamanza, Abashinjacyaha n'Abagenzacyaha batabarirwa mu Bayobozi bagengwa n'Itegeko Ngenga No 11/2013/OL ryavuzwe haruguru;

3. Abakozi bari ku myanya ikurikira:

- Abakozi bari ku mwanya w'ubuyobozi mu Nzego za Leta, iz'Ibigo byayo, Ibigo Leta ifitemo imigabane n'Imishinga ya Leta;
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge;
- Abakira, abacunga n'abagenzura imari n'umutungo wa Leta;
- Abakozi bari mu tunama dutanga amasoko mu Nzego za Leta, mu Bigo byayo, mu Bigo Leta ifitemo imigabane no mu mishinga ya Leta;
- Abashinzwe imisoro n'amahoro, abashinzwe imicungire y'ubutaka;
- Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bakora mu mashami yarwo ashinzwe gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane. (Umuvunyi Mukuru, Abavunyi Bungirije, Umunyamabanga Uhoraho n'abakozi bose bireba bamenyekanisha umutungo wabo kuri Biro ya Sena)
- Abayobozi b'Ibigo by'Amashuri yisumbuye ya Leta n'abacunga imari n'umutungo muri ibyo bigo;
- Ba Noteri ba Leta;
- Abandi bakozi bagenwa n'Urwego bakoreramo.

## II. IGIHE INYANDIKO IGARAGAZA UMUTUNGO ITANGIRWA

Imenyekanishamutungo rikorwa buri mwaka;

- Inyandiko igaragaza umutungo ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi bitarenze itariki ya 30 Kamena ya buri mwaka ku bantu basanzwe mu kazi;
- Ku bantu bavuye mu mirimo, iyo nyandiko itangwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15);
- Ku Bakozi bagitangira imirimo, inyandiko yabo ya mbere igaragaza umutungo ishyikirizwa Urwego rw'Umuvunyi mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) batangiye imirimo.

### III. UKO IMENYEKANISHAMUTUNGO RIKORWA

Mbere y'umwaka wa 2011, imenyekanishamutungo ryakorwaga hifashishijwe udutabo twuzuzwaga n'abo bireba ariko kuri ubu rikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga.

- Mu ntangiriro z'umwaka (Mutarama), Urwego rw'Umuvunyi rusaba Inzego za Leta kurwoherereza urutonde rw'Abayobozi n'Abakozi barebwa n'imenyekanishamutungo;
- Inzego za Leta zohereza urutonde rugaragaza amazina y'abarebwa n'imenyekanishamutungo nk'uko yanditse mu ndangamuntu, imyanya bakoraho, emails na numero za telefoni byabo.
- Imyirondoro y'abagomba kumenyekanisha umutungo ishyirwa muri system ikoreshwa mu imenyekanishamutungo bityo bakoherezwa ubutumwa babona muri email yabo ndetse no kuri telefoni. Ni kuri ubwo butumwa bwo kuri email abamenyekanisha umutungo binjiriraho bakajya muri system yitwa Online Declaration of Assets System bakamenyekanisha umutungo wabo.
- Iyo umuntu amaze kumenyekanisha umutungo we ashyiraho umukono yemeza ko ibyo yanditse ari ukuri hanyuma akabyohereza. System imuha ubutumwa kuri email bugaragaza ko umutungo we wakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi.

**N.B: Abayobozi n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bo bakora imenyekanishamutungo kuri Biro ya Sena bakoresheje udutabo.**


### IV. Ibigomba kugaragazwa n'inyandiko z'imenyekanishamutungo


Hamenyekanishwa umutungo ukurikira uri mu Rwanda n'uri mu mahanga, agaciro kawo, uko wabonetse n'igihe wabonekeye:

1. Amazu
2. Ubutaka
3. Amatungo
4. Imodoka
5. Imashini
6. Ibikoresho byimukanwa
7. Amafaranga muri Banki
8. Amafaranga ari muri Kontaro
9. Amafaranga ari ahandi
10. Imigabane mu Masosiyeti
11. Imyenda bagufitiye
12. Imyenda ufitiye abandi
13. Umutungo w'uwo mwashakanye igihe mutavanze umutungo n'uw'abana bawe cg abo urera batarageza ku myaka cumi n'umunani (18)
14. Umutungo wagurishijwe
15. Umutungo wangiritse
16. Impano zatanzwe.

Mu gice cya kabiri cy'iyi nkuru, tuzabagezaho uburyo imitungo yamenyekanishijwe igenzurwa n'amakosa akunze kugaragara mu kumenyekanisha imitungo n'ibihano bihabwa abakoze ayo makossa.

***Umwanditsi: MWISENEZA Jeanne D'Arc***





# Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye Abanyamakuru ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru



*Umwe mu banyamakuru bahuguwe abaza ikibazo*

Nyuma y'aho Urwego rw'Umuvunyi ruhawe inshingano zo kugenzura iyubahirizwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'Itegeko ryerekeye kubona amakuru, Urwego rwahuguye abantu benshi barebwa n'iri tegeko. Ikiciro cy'Abanyamakuru nacyo kiri mu by'ibanze birebwa n'iri tegeko dore ko hari abanyamakuru bagiye bimwa amakuru ntibasobanukirwe ikindi bakurikizaho kandi iri tegeko ribiteganya.

Ni muri urwo rwego Urwego rw'Umuvunyi nk'Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'Itegeko ryerekeye kubona amakuru ku nkunga y'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi (EU) guhera ku wa 28 Werurwe kugeza ku wa 20 Kamena hahuguwe Abanyamakuru 162, bikaba biteganyijwe ko Urwego rw'Umuvunyi ruzahugura Abanyamakuru 500 mu myaka 4 ku Banyamakuru 660 bakorera mu Rwanda.

Amahugurwa y'Abanyakuru ku Itegeko n° 04/2013 ryo kuwa 08/02/2013 ryerekeye kubona amakuru yateguwe hagamijwe kurimenyekanisha kugira ngo ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru bwubahirizwa neza.

Abanyamakuru bahuguwe mu byiciro bya mbere bashimye urwego rw'Umuvunyi kuri iri tegeko uburyo ryafashije cyane cyane abanyamakuru mu kubona amakuru nubwo bavuga ko hari abayobozi batarasobanukirwa neza inshingano zabo mu gutanga amakuru.

Aya mahugurwa ku nkunga y'Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi (EU) azakomeza guhabwa ibyiciro bitandukanye bikorera mu Nzego za Leta no mu Nzego z'Abikorera hagamijwe ko buri Munyarwanda wese amenya uburemganzira bwe bwo kubona amakuru.

Kugeza ubu mu Rwanda, ubwisanzure bw'itangazamakuru bushimangirwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo za 34 ivuga ko: "Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo kumenya amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire iboneye, uburenganzira bw'umwenegihugu bwo kugira icyubahiro n'agaciro mu maso y'abandi, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we mu gihe bitari mu nyungu rusange; bwemerwa kandi iyo butabangamiye irengerwa ry'urubyiruko n'abana. Uko ubwo bwisanzure bukoreshwa biteganywa n'amategeko".

Twasoza inkuru yacu tubwira abasomyi b'Ikinyamakuru Umuvunyi Magazine ko buri muntu wese afite uburenganzira bwo kubona amakuru afitwe n'urwego rwa Leta na zimwe mu nzego z'abikorera mu gihe ayo makuru adashobora guhungabanya umutekano w'igihugu nk'uko biteganyijwe n'Itegeko.

Uramutse kandi ugize ikibazo cyo kudahabwa amakuru wakwiyambaza Urwego rw'Umuvunyi kuri Telephone itishyurwa nomero 199, ushobora no kutwandikira kuri email ombudsinfo@ombudsman.gov.rw cyangwa ukagana Urwego rw'Umuvunyi ku Cyicaro cyarwo ku Kimihurura mu karere ka Gasabo.



*Abanyamakuru barahugurwa ku Itegeko ryerekeye kubona amakuru*

URWEGO RW'UMUVUNYI
OFFICE OF THE OMBUDSMAN

BP 6269 KIGALI
Tél (250) 587308/09, Fax 587182
www.ombudsman.gov.rw
ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

Hamagara

**199**

# RUSWA NI UMWANZI W'AMAJYAMBERE TWESE DUHAGURUKE TUYIRWANYE

# JOIN US IN THE FIGHT AGAINST CORRUPTION



# Wari uzi ko wemerewe gusaba amakuru ukoresheje uburyo bwose bw'Itumanaho!



Source: Photo Internet

Hari ubwo umunyamakuru ahamagara umuyobozi kuri telefoni amusaba amakuru runaka ashaka kuyatangaza, umuyobozi nawe akamusubiza ko adashobora kumuha amakuru kubera ko atazi ko ari umunyamakuru,rimwe na rimwe akamusaba kuzaza ku biro kugira ngo babonane imbona-nkubone, abanyamakuru bakunze kubigaragaza nk'imbogamizi cyangwa se amananiza agamije kubima amakuru:

Itegeko No 04/2013 ryo ku wa 8 Gashyantare 2013 ryerekeye kubona amakuru rikemura izi mpaka hagati y'abasaba amakuru n'abayasabwa aho mu ngingo yaryo ya 9 ivuga ko amakuru asabwa n'umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu mu rurimi urwo ari rwo rwose mu zemewe n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ryatowe mu 2003 ryavuguruwe mu mwaka wa 2015.

Usaba amakuru ashobora gukoresha imvugo, inyandiko, telefoni, ikoranabuhanga cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho bitabangamiye ibiteganywa n'iryo tegeko.

Iyi ngingo ikomeza igaragaza ko usaba amakuru ari we ugaragaza uburyo yifuza kuyabonamo, ariko iyo burenze ubushobozi bw'urwego rusabwa kuyatanga, uyasaba yishyura ikiguzi kijyanye n'uburyo ayifuzamo. Aha bitavuze ko amakuru agurishwa ahubwo hishyurwa serivisi itanzwe iyo ikigo kitayifitiye ubushobozi igakorerwa ahandi ku kiguzi.

Buri Rwego rwa Leta n'Inzego zimwe z'Abikorera zirebwa n'Itegeko ryerekeye kubona amakuru rufite umukozi ushinzwe gutanga amakuru n'umusimbura iyo adahari. Amazina, telephone na email z'abashinzwe gutanga amakuru mu Nzego zitandukanye wayasanga kandi kuri **"Website"** y'Urwego rw'Umuvunyi.

Umukozi ushinzwe gutanga amakuru iyo yasabwe menshi mu kuyatanga agomba gusuzuma isabwa ry'amakuru areba ubwihutirwe bwayo, ukwemererwa cyangwa kutemererwa guhabwa amakuru, gutanga ibisobanuro iyo isabwa ry'amakuru ritemewe.

Reka twibutse abasomyi bacu ko iri tegeko ritagiriweho abanyamakuru gusa, ahubwo n'undi uwari we wese wakenera amakuru abitswe n'inzego afite uburenganzira bwo kuyabona apfa gusa kuba atari muri amwe agenwa n'itegeko ko atemererwa gutangazwa.

**Amakuru atemerewe gutangazwa ni amakuru gusa ashobora:**

- guhungabanya umutekano w'igihugu
- kubangamira iyubahirizwa ry'amategeko cyangwa ubutabera
- gutera ukwivanga mu buzima bwite bw'umuntu bitari mu nyungu rusange
- kubangamira ukurindwa kw'amabanga y'ubucuruzi cyangwa ubundi burenganzira bw'umutungo mu by'ubwenge
- kubangamira mu ikurikiranwa n'ubutabera k'ubuyobozi bw'urwego rwa leta

Icyakora iyo amakuru yasabwe yerekeye amakuru abitswe ibice bibiri (2), kimwe gikubiyemo amakuru atemewe gutangazwa, ikindi gikubiyemo amakuru yemewe gutangazwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko, uwayasabye ahabwa ayemewe gutangazwa.


Nubwo hari amakuru atemerewe gutangazwa, iri tegeko rishyiraho amwe mu makuru atangwa n'urwego rubyibwirije:


- Imiterere y'urwego, imirimo n'inshingano zarwo;
- Ububasha n'inshingano by'abayobozi n'abakozi barwo;
- Uburyo inzego z'ubuyobozi zikurikiza mu gufata ibyemezo;
- Amategeko n'amabwiriza yose akoreshwa n'urwo rwego ajyanye n'ibyo rukorana n'abaturage cyangwa n'abandi;


Munyamakuru, muturage, kumenya amakuru y'impamo uhawe n'Inzego zibifitiye ububasha ni uburenganzira bwawe, kandi guhabwa amakuru ntibigomba byibura kurenza iminsi itatu (3) amakuru akenewe ataratangwa kandi iyo amakuru adatanzwe ku mpamvu y'uko atemerewe gutangazwa uyakeneye asobanurirwa impamvu.

Uramutse rero ugize ikibazo cyo kudahabwa amakuru cyangwa gusiragizwa mu kuyahabwa ukwiye kwiyambaza Urwego rw'Umuvunyi kuri Telephone itishyurwa **199** cyangwa se ukaba watwandikira kuri email **ombudsinfo@ombudsman.gov.rw** ushobora no kugana Urwego rw'Umuvunyi aho rukorera ku Cyicaro cyarwo i Kigali ku Kimihurura.

**Umwanditsi: Kajangana Jean Aimé**




HALLO! GAKIRE, HAAAAA NI USHINZWE AMASOKO HANO MU KIGO. HARI ISOKO DUSHAKA KUGUHA RYO KUDUKORERA UMUHANDA RIFITE AGACIRO KA MIRIYONI CUMI N'ESHANO ARIKO UKORE IRIFITE MIRIYONI MIRONGO INE UBWO NAWE URABYUMVA KO URI BUGIRE ICYO UKORA KUGIRA NGO URITSINDIRE EHHH?
HALLO! NGO HARI ISOKO? IBISABWA NDABYUMVA KANDI MURAKOZE REKA MBANZE NGE KURI BANKI NZANE AYUMUTI WIKARAMU.
GAKIRE ARI KUZA YIBAZA ATI: "ARIKO SE KOKO ABANTU BACYAKA RUSWA BARACYABA MU RWANDA REKA MUSUZUME RWOSE".
HAHAHAH!!! NDABONA WIHUSE NTUJYA WICA GAHUNDA.
URAHO REZA HANO HARI AGASOKO WAKORA NEZA TUKABONAMO AYACU!
YEGO NANGE NAJE NKUZANIYE UMUTI WIKARAMU MURI AKA GASANDUKU.
BARA NEZA DORE NAWE UBA UVANYEMO AGATUBUTSE KU BUBASHA WAHAWE.
HAHAHA UBUSE AYI IKARAMU ARUZUYE RA?GUSA NTUGIRE IKIBAZO NIBA YUZUYE ISOKO WARIBONYE.


REKA NJYE GUTANGA AMAKURU AZAKURIKIRANWE NI INZEGO ZIBISHINZWE KURI IKI CYAHA CYA RUSWA NO KUNYEREZA UMUTUNGO WA LETA.
URWEGO RW' UMUVUNYI
NZANYWE NO KUBAHA AMAKURU KU CYAHA CYO GUSABA RUSWA USHINZWE AMASOKO MURI KIRIYA KIGO ANSABYE RUSWA MFITE IBIMENYETSO NDAKUKA.
URWEG UMUVUNYI
URAKOZE KUDUHA AMAKURU. NGWINO UJYE KUMUTWEREKA.
DORE UYU NIWE WAKA RUSWA MU AMASOKO YA LETA.
EHHH!!! NDABACIKIRAHE!?
HAGARA NTAHO UCIKIRA!!!
WAKOZE GUTANGA AYA MAKURU NAGENDE AKURIKIRANWE N'UBUGENZACYAHA KURI ICYO CYAHA.
BARANDENGANYIJE!?
TUGOMBA GUFATANYA NA LETA KURWANYA ABARYA RUSWA NABANYEREZA UMUTUNGO WA RUBANDA.
BATURAGE DUTERANIYE HANO IKI NICYO GIHE CYO KUJYA DUTANGA AMAKURU KU GIHE AHO TUBONYE UTANGA CYANGWA YAKA RUSWA IMUNGA UBUKUNGU BWIGIHUGU.
TUGOMBA KUJYA TURWANYA RUSWA KUKO IMUNGA UBUKUNGU.
WAHAMAGARA NO KURI 199 CYANGWA UKOHEREZA UBUTUMWA BUGUFI (SMS)KURI 1990.

URWEGO RW'UMUVUNYI

BP 6269 KIGALI
Tél (250) 587308/09, Fax 587182
www.ombudsman.gov.rw
ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

Hamagara

**199**

# RUSWA NI UMWANZI W'ITERAMBERE, TUYIRINDE



# LET'S JOIN HANDS & FIGHT AGAINST CORRUPTION



URWEGO RWUMUVUNYI

BP 6269 Kigali - Rwanda
Tel: +250 587308/09, Fax: 587182
Email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw
www.omubdsman.gov.rw